
**RAPORO Y'IBIKORWA BYA
UNITY CLUB INTWARARUMURI
NYAKANGA 2024 - KAMENA 2025**

Contact;

X@UnityClubRw

Email: info@unity-club.rw

web: www.unity-club.rw

Achévé d'imprimer en
Septembre 2025 par
PALLOTTI PRESS Ltd
Kigali-Rwanda

I. ISHAKIRO

I. ISHAKIRO	3
--------------------	----------

II. IRIBURIRO	4
----------------------	----------

III. IBIKORWA BY'INGENZI BYAGEZWEHO NA BURI RWEGO	5
--	----------

3.1. INTEKO RUSANGE	5
---------------------	---

3.2. INAMA Y'UBUYOBOZI	15
------------------------	----

3.3. KOMITE NGENZUZI	22
----------------------	----

3.4. KOMITE IKEMURA AMAKIMBIRANE (KIA)	23
--	----

3.5. KOMISIYO	23
---------------	----

A. KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA N'UBURENGANZIRA BUNGANA	23
--	----

IMPANURO ZA NYAKUBAHWA PAUL KAGAME, PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA	44
--	----

B. KOMISIYO Y'IGENAMIGAMBI NO GUSHAKA IMARI	80
--	----

C. KOMISIYO Y'UBUSABANE, IMIBEREHO MYIZA N'UBUKANGURAMBAGA BW'ABANYAMURYANGO	88
--	----

D. KOMISIYO Y'UBUSHAKASHATSI N'ITUMANAHU	99
---	----

E. UBUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA	103
----------------------------------	-----

IV. RAPORO KU MIKORESHEREZE Y'IMARI (Nyakanga 2024-Kamena 2025)	106
--	------------

V. UMWANZURO	107
---------------------	------------

I. IRIBURIRO

Umuryango Unity Club Intwararumuri ukomeje kugira uruhare rugaragara muri gahunda zigamiye gukomeza kwimakaza Ubumwe bw'Abanyarwanda binyuze mu bikorwa birimo guhuriza hamwe abanyamuryango bayo ngo barushaho kuba umusemburo w'Ubumwe n'Ubudaheranza bw'Abanyarwanda, gushyiraho urubuga rw'ibiganiro no guharanira imibereho myiza y'abatishoboye muri rusange, cyane cyane imfubyi n'abapfakazi binyuze mu mishinga itandukanye ishyirwa mu bikorwa.

Buri mwaka, Gahunda y'Ibikorwa (Annual Action Plan) ya Unity Club ikorwa hashingiwe ku Igenamigambi ry'Ibikorwa (Strategic Plan). Ibikorwa byose bya Unity Club bigirwamo uruhare n'Abanyamuryango bayo, binyuze mu nzego esheshatu (6) umuryango ukoreramo: Inteko Rusange, Inama y'Ubuyobozi, Komite Ngenzuzi, Komite ikemura amakimbirane, Komisiyo enye (4) n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwunganira izo nzego.

Iyi raporo y'umwaka (Nyakanga 2024 – Kamena 2025) ikubiyemo ibikorwa by'ingenzi Umuryango Unity Club Intwararumuri wagezeho n'incamake y'ibizakorwa umwaka utaha 2025-2026.

III. IBIKORWA BY'INGENZI BYAGEZWEHO NA BURI RWEGO

3.1. INTEKO RUSANGE



Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Nyakubahwa Madamu Jeanette KAGAME, mu Nama y'Inteko Rusange kuwa 16.11.2024



Intwararumuri mu Nama y'Inteko Rusange

Inteko Rusange y’abanyamuryango, nirwo rwego rukuru. Iterana rimwe mu mwaka n’ikindi gihe bibaye ngombwa.

Muri uyu mwaka, Inteko Rusange yateranye tariki 16/11/2024, muri Kigali Convention Centre (KCC), iyoborwa na Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club. Yitabiriwe n’abanyamuryango bose hamwe bangana na 216 (abagore 117 n’abagabo 99).

Inteko Rusange yaranzwe n’ibikorwa bikurikira:

Kumurika raporo y’ibikorwa by’ingenzi byagezweho mu byari biteganyijwe mu igenamigambi y’imyaka 7 (2017-2024); Kumurika no kwemeza ibikorwa by’ingenzi bikubiye mu igenamigambi y’imyaka 5 (2024-2029) na gahunda y’ibikorwa by’umwaka 2024-2025; Kwakira abanyamuryango bashya no Gutora Abayobozi b’inzego bazayobora Umuryango Unity Club mu kivi cy’imyaka itatu iri imbere.

❖ Kumurika raporo y’ibikorwa by’ingenzi byagezweho mu byari biteganyijwe mu Igenamigambi y’imyaka 7 (2017-2024)

Incamake ya raporo y’ibikorwa by’ingenzi Unity Club yagezeho mu myaka irindwi (7) ishize, yamuritswe n’Umuyobozi Wungirije wa Komisiyo y’Igenamigambi no Gushaka Imari, Madamu Soraya HAKUZIYAREMYE. Muri ibyo bikorwa harimo:

- Kuzamura imibanire myiza hagati y'Abayobozi binyuze mu bikorwa bitandukanye bihoraho bibahuza: Inteko Rusange n'umwiherero w'abanyamuryango, ibikorwa by'ubusabane, kwifatanya mu bihe by'ibyishimo n'iby'umubabaro...;
- Gutegura no gukora Ihuriro ngarukamwaka rya Unity Club rihuza abayobozi mu nzego nkuru z'Igihugu zitandukanye hamwe n'urubyiruko,
- Gutanga Ishimwe ry'Abarinzi b'Igihango (Unity Award) hagamijwe gusakaza ibikorwa ntangarugero, by'indashyikirwa biteza imbere ubumwe;
- Kwimakaza Ndi Umunyarwanda: Guhera mu 2017 kugeza ubu, hateguwe hanakorwa ubukangurambaga kuri Ndi Umunyarwanda binyuze mu biganiro, amahugurwa no mu marushanwa mu Mashuri Makuru na Kaminuza, hagamijwe gukomeza guhererekanya umurage w'Ubunyarwanda;
- Hatangijwe hanashyirwa mu bikorwa Umushinga w'Iterambere Rikomatanyije (Integrated Community Development Project-ICDP) mu Karere ka Huye, Umurenge wa Mukura. Hakoze ibikorwa birimo kwagura Impinganzima ya Huye, inyubako ya palliative care unit, yashyizwemo ibikoresho nkenyerwa ku babyeyi bakuze. Hubatswe amazu 26,

atuzwamo imiryango igizwe n'abantu 137, hubatswe Ikigo Mboneza-Mikurire cy'Abana bato (ECD) cyakira abana barenga 150 n'isoko rifite imyanya y'ubucuruzi igera kuri 64.

❖ **Kumurika no kwemeza ibikorwa bikubiye mu Igenamigambi y'Imyaka 5 (2024-2029) na gahunda y'Ibikorwa by'Umwaka 2024-2025**

Umuyobozi Wungirije wa Komisiyo y'Igenamigambi no Gushaka Imari, Madamu Soraya HAKUZIYAREMYE, yakomerejeho amurikira abanyamuryango igenamigambi ry'imyaka 5 ryubakiye ku ntego 4 z'ingenzi Umuryango Unity Club uzibandaho:

- Kuzamura imibanire myiza y'abanyamuryango no kuzamura ubushobozi bw'Umuryango;
- Gutanga umusanzu ku buryo bugaragara mu kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranza bw'Abanyarwanda n'imibereho myiza muri rusange;
- Kwimakaza no kugeza ku baturage ibikorwa by'iterambere biri mu cyerekezo cya Unity Club binyuze mu mishinga itandukanye;
- Kwimakaza ubufatanye n'izindi nzego zifite intego zimwe nk'iza Unity Club.

Abanyamuryango bamaze kumurikirwa izi nyandiko no kuzunguranaho ibitekerezo, barazemeje.

❖ Kwakira abanyamuryango bashya

Muri uyu mwaka, Inteko Rusange yakiriye abanyamuryango ba Unity Club cumi n'icyenda (19) bakurikira:

1. Mme MUTABARUKA Carine Olga na
Hon. Yusuf MURANGWA
2. Mme Inès INGABIRE na Hon. Olivier KABERA
3. Hon. Consolée UWIMANA na
Bwana Laurent RUGERINYANGE
4. Hon. Linda Mutesi RUSAGARA
5. Mme Marie Louise TUYISENGE na
Hon. Prudence SEBAHIZI
6. Hon. Amb. Christine NKURIKIYINKA na
Bwana Jacques NSHIMYUMUKIZA
7. Mme Béatrice UMWALI na Hon. Richard
NYIRISHEMA
8. Mme Liana NSENGIMANA NZABAMPEMA na
Hon. Joseph NSENGIMANA
9. Mme Consolée MUJAWAMARIYA na
Hon. Patrice MUGENZI
10. Mme Anna BAGABE KWIZERA na
Hon. Mark CYUBAHIRO BAGABE



Abanyamuryango bashya bakiriwe mu nama y'Inteko Rusange

❖ **Gutora Abayobozi b'Inzego bazayobora Umuryango Unity Club mu myaka itatu iri imbere**

Hashingiwe ku Mategeko Ngengamikorere y'Umuryango Unity Club no ku Itegeko n° 058/2024 ryo ku wa 20/06/2024 rigenga imiryango itari iya Leta, Inteko Rusange yatoye Abayobozi bazayobora Umuryango Unity Club mu myaka itatu (3) iri imbere.

Inteko Rusange kandi yashimiye Abayobozi basoje manda y'imyaka itatu, ku mirimo myiza bakoze. Hakiriwe kandi hanashimirwa Abayobozi batowe, barimo n'Abayobozi ku mwanya mushya w'Umunyamabanga muri Sukomisiyo. Ni umwanya washyizweho kugirango bunganire Biro, kandi bakorane bya hafi n'abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa mu gutegura ibikorwa bya Sukomisiyo.

Mu nama y'Inteko Rusange, hatowe Abayobozi mu nzego bakurikira:

NO	URWEGO	AMAZINA
	INAMA Y'UBUYOBOZI	
1	Umuyobozi Mukuru wa Unity Club	HE Jeannette KAGAME
2	Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere	Marie Solange KAYISIRE
3	Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Kabiri	Julienne UWACU
4	Umunyamabanga Mukuru	Régine IYAMUREMYE
5	Umubitsi	Sylvie NGIRENTE
	KOMISIYO Y'IGENAMIGAMBI NO GUSHAKA IMARI	
6	Umuyobozi wa Komisiyo	Mary RWANGOMBWA
7	Umuyobozi Wungirije wa Komisiyo	Soraya HAKUZIYAREMYE
8	Umunyamabanga	Claudine UWERA
	KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA N'UBURENGANZIRA BUNGANA	
9	Umuyobozi wa Komisiyo	Valentine UWAMARIYA
10	Umuyobozi Wungirije wa Komisiyo	Francine TUMUSHIME
11	Umunyamabanga	Jeannette BAYISENGE
	KOMISIYO Y'UBUSABANE, IMIBEREHO MYIZA N'UBUKANGURAMBAGA BW'ABANYAMURYANGO	
12	Umuyobozi wa Komisiyo	Edda MUKABAGWIZA

13	Umuyobozi Wungirije wa Komisiyo	Goretti MURASIRA
14	Umunyamabanga	Clémentine MAKUZA
KOMISIYO Y'UBUSHAKASHATSI N'ITUMANAHU		
15	Umuyobozi wa Komisiyo	Angelina MUGANZA
16	Umuyobozi Wungirije wa Komisiyo	Linda BIHIRE
17	Umunyamabanga	Stella MUGABO
SUKOMISIYO ISHINZWE IGENAMIGAMBI, KUBAKA UBUSHOBOZI NO GUKURIKIRANA IBIKORWA		
18	Umuyobozi wa Sukomisiyo	Judith UWIZEYE
19	Umuyobozi Wungirije wa Sukomisiyo	Anita ASIIMWE
20	Umunyamabanga	Suzan UGIRASHEBUJA
SUKOMISIYO ISHINZWE GUSHAKISHA IMARI		
21	Umuyobozi wa Sukomisiyo	Eustochie A. SEZIBERA
22	Umuyobozi Wungirije wa Sukomisiyo	Esther KABONEKA
23	Umunyamabanga	Aline INGABIRE MUSAFIRI
SUKOMISIYO ITEGURA IBIGANIRO N'AMAHURIRO		
24	Umuyobozi wa Sukomisiyo	Assumpta INGABIRE
25	Umuyobozi Wungirije wa Sukomisiyo	Marie MUKANTABANA
26	Umunyamabanga	Carine Olga MURANGWA

	SUKOMISIYO ISHINZWE KWEGEREZA ABATURAGE IBIKORWA BIBATEZA IMBERE	
27	Umuyobozi wa Sukomisiyo	Valérie NYIRAHABINEZA
28	Umuyobozi Wungirije wa Sukomisiyo	Claudette IRERE
29	Umunyamabanga	Anne Grace NSABIMANA
	SUKOMISIYO Y'UBUKANGURAMBAGA BW'ABANYAMURYANGO	
30	Umuyobozi wa Sukomisiyo	Jacqueline MUHONGAYIRE
31	Umuyobozi Wungirije wa Sukomisiyo	Rita ZIRIMWABAGABO
32	Umunyamabanga	Beatrice UWALI NYIRISHEMA
	SUKOMISIYO Y'UBUSABANE N'IMIBEREHO MYIZA	
33	Umuyobozi wa Sukomisiyo	Espérance NYIRASAFARI
34	Umuyobozi Wungirije wa Sukomisiyo	Léontine NSANGANIRA
35	Umunyamabanga	Inès Ingabire KABERA
	SUKOMISIYO Y'ITUMANAHU	
36	Umuyobozi wa Sukomisiyo	Patricie UWASE
37	Umuyobozi Wungirije wa Sukomisiyo	Paula INGABIRE
38	Umunyamabanga	Diane RURANGIRWA

	SUKOMISIYO Y'UBUSHAKASHATSI, AMAKURU N'UBUREZI	
39	Umuyobozi wa Sukomisiyo	Joseph NSENGIMANA
40	Umuyobozi Wungirije wa Sukomisiyo	Odette NYIRAMIRIMO
41	Umunyamabanga	Jean Nepo UTUMATWISHIMA
	KOMITE NGENZUZI	
42	Umuyobozi wa Komite	Béata U. HABYARIMANA
43	Umuyobozi Wungirije wa Komite	Elytha MUSABYIMANA
44	Umunyamabanga	Anna BAGABE KWIZERA
	KOMITE IKEMURA AMAKIMBIRANE	
45	Umuyobozi wa Komite	Solina NYIRAHABIMANA
46	Umuyobozi Wungirije wa Komite	Nadia AMRI SUED
47	Umunyamabanga	Jeanne d'Arc DE BONHEUR
48	Member	Julie NIYIBIZI



Abayobozi batorewe kuyobora Umuryango Unity Club mu myaka itatu iri imbere

3.2. INAMA Y'UBUYOBOZI

Inama y'Ubuyobozi ya Unity Club ni urwego rushinzwe gukurikirana ishyirwa mu ngiro ry'ibyemezo n'amabwiriza by'Inteko Rusange, hibandwa ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa ndetse no guteza imbere Umuryango. Abagize inama y'ubuyobozi basuzuma raporo y'ibyakozwe hamwe n'imikoreshereze y'ingengo y'imari mbere y'uko bigezwa ku Nteko Rusange ariyo ibyemeza burundu.

IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE

- Gukora inama zihuza abagize Komite Nyobozi na Komite Nyobozi yaguye "EXCOM/EXCOM Elargie" no kungurana ibitekerezo ku ngamba zatumye Umuryango Unity Club wiyubaka;

- Gutumira no kuyobora Inteko Rusange y'abanyamuryango ba Unity Club;
- Gushaka no kwemeza abahagararira Unity Club mu biganiro no mu bindi bikorwa;
- Gukurikirana ibikorwa byakorewe ubuvugizi n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club.
By'umwihariko, Ababyeyi b'Intwaza batujwe mu Impinganzima ya Huye, Rusizi, Bugesera na Nyanza.

❖ **Gukora inama zihuza abagize Komite Nyobozi na Komite Nyobozi yaguye "EXCOM/ EXCOM Elargie" no kungurana ibitekerezo ku ngamba zatuma Umuryango Unity Club wiyubaka.**

Muri uyu mwaka, hakoze inama za Komite Nyobozi yaguye eshatu (3):

Inama ya mbere yateranye tariki 17/09/2024, iyoborwa na Hon. Solange KAYISIRE, Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere wa Unity Club. Hamuritswe raporo y'ibikorwa by'umwaka 2023-2024 na Gahunda y'ibikorwa 2024-2025; bagejejweho ibyemezo ngiro by'inama y'Abayobozi ba Sukomisiyo n'Imyiteguro y'Ihuriro rya 17 rya Unity Club Intwararumuri. Hemejwe amatsinda ategura imirimo ijyanye n'Ihuriro akurikira:

- Itsinda rishinzwe gutegura inyandiko zose z'Ihuriro rya 17 rya Unity Club;
- Itsinda rishinzwe gutegura inama y'Inteko Rusange;

- Itsinda rishinzwe gutegura Inkera y'Imihigo igendeye ku mirongo migari y'igenamigambi rya Unity Club 2024-2029;
- Itsinda rishinzwe ibijyanye n'itumanaho.

Inama ya kabiri yateranye tariki 13/12/2024 kuri Lemigo Hotel, iyoborwa na Hon. Julienne UWACU, Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Kabiri wa Unity Club. Iyi nama yateguwe nyuma y'amatora y'abayobozi b'inzego kugirango bongera kuganira ku nshingano za buri rwego.



Abayobozi batorewe kuyobora inzego za Unity Club baganira ku nshingano



Abayobozi batorewe kuyobora inzego za Unity Club baganira ku nshingano

Muri iyi nama, hakoze ibiganiro byagarutse ku ncamake y'ibyagezweho na Unity Club mu myaka 7 ishize, hamwe n'Igenamigambi ry'imyaka 5 iri imbere; Inshingano z'Abagize Inzego za Unity Club n'Ikiganiro Nyunguranabitekerezo cyagarutse ku:

- Amavu n'Amavuko ya Unity Club n'uruhare rwayo mu kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranza, cyatanzwe na Amb. Joseph NSENGIMANA;
- Inshingano z'Umunyamuryango wa Unity Club mu kugeza Umuryango mu cyerekezo wifuza, cyatanzwe na Hon. Angelina MUGANZA;
- Imyitwarire y'Intwararumuri, cyatanzwe na Hon. Solina NYIRAHABIMANA;
- Ikiganiro cyayobowe na Hon. Edda MUKABAGWIZA.



Uhereye i bumoso: Hon. Solina NYIRAHABIMANA, Hon. Angelina MUGANZA, Amb. Joseph NSENGIMANA na Hon. Edda MUKABAGWIZA batanga ikiganiro mu nama ya EXCOM Elargi



Uherye i bumoso: Hon. Solina NYIRAHABIMANA, Hon. Angelina MUGANZA, Amb. Joseph NSENGIMANA na Hon. Edda MUKABAGWIZA batanga ikiganiro mu nama ya EXCOM Elargi

Inama ya gatatu yateranye tariki 04/04/2025, kuri Lemigo Hotel. Muri iyi nama nibwo hakoze iherekanya bubasha hagati y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, Mme Régine IYAMUREMYE wagiye mu kiruhuko cy'izabukuru n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa mushya Mme Julienne UWACU.

Iki gikorwa cyayobowe n'Umuyobozi Mukuru Wungirije wa mbere wa Unity Club, Hon. Marie Solange KAYISIRE.



Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere, Hon. Marie Solange KAYISIRE, mu gikorwa cy'iherekanya bikorwa



Ihererekanya bubasha hagati y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa Mme Régine IYAMUREMYE wagiye mu kiruhuko cy'izabukuru n'Umushya, Mme Julienne UWACU

❖ **Gushaka no kwemeza abahagararira Unity Club mu biganiro no mu bikorwa bitandukanye**

Hashatswe abatanga ibiganiro mu bikorwa binyuranye birimo: Ihuriro rya 17; abatanga ibiganiro ngarukakwezi mu Rubuga rwa Ndi Umunyarwanda kuri Radiyo na Televiziyo y'u Rwanda; abatanze ibiganiro mu Turere twose mu kwezi kwa cumi kwahariwe kuzirikana k'Ubumwe n'Ubudaheranza bw'Abanyarwanda mu bufatanye na MINUBUMWE. Hemejwe kandi abanyamuryango bahagarariye Unity Club mu bindi bikorwa byayo n'ibyo itumirwamo n'abafatanyabikorwa.

3.3. KOMITE NGENZUZI

Iyi Komite ishinze gukurikirana buri gihe ibikorwa bya Unity Club no kugenzura uko umutungo ukoreshwa; gutanga inama kucyakorwa kugirango umutungo uboneke n'uko wakwiyongera; gutanga raporo buri mwaka ku Nteko Rusange.

Inteko Rusange yateranye tariki 16/11/2024 yatoye Komite nshya. Abagize Komite bakoze inama eshatu zitegura igikorwa cy'igenzura, baganira ku nshingano za Komite, bahura n'abakozi bo mu bunyamabanga baganira uburyo bifuza igenzura rizakorwa, hakorwa n'ingengabihe izakurikizwa. Bahawe inyandiko zikenewe, igenzura ku mezi atandatu (6) Nyakanga-Ukuboza 2024 ryaratangiye.

3.4. KOMITE IKEMURA AMAKIMBIRANE (KIA)

Iyi Komite ishinzwe gukumira ibibazo bishobora kuvuka mu muryango wa Unity Club igihe icyo aricyo cyose no kubishakira ibisubizo. Abayigize bategura ibiganiro bigamije gukomeza gukangurira abanyamuryango uburyo bw'imyitwarire myiza, guhora bazirikana inshingano zabo no gusuzuma intambwe bigezeho.

IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE

Tariki 13/12/2024, uru rwego rwateguye kandi rutanga ikiganiro nyunguranabitekerezo ku mikorere n'imikoranire hagamijwe kunoza inshingano z'abanyamuryango (*induction*) no gukumira amakimbirane, gihabwa abayobozi batorewe kuyobora inzego za Unity Club mu myaka 3 iri imbere. Ikiganiro cyabereye mu nama ya Komite Nyobozi yaguye (*EXCOM Elargi*).

3.5. KOMISIYO

A. KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA N'UBURENGANZIRA BUNGANA

Komisiyo y'Imiyoborere Myiza n'Uburenganzira bungana, ishinzwe gutegura amahuriro n'ibiganiro bifatanye isano n'Ubumwe bw'Abanyarwanda. Ishinzwe kandi kumenya, gusesengura, no gukorera ubuvugizi ibibazo byabangamira Ubumwe bw'Abanyarwanda, kugira ngo bishobore gukumirwa

cyangwa kubonerwa ibisubizo. Igizwe na Sukomisiyo ebyeri:

- Sukomisiyo itegura ibiganiro n'amahuriro,
- Sukomisiyo y'ubukangurambaga kuri gahunda zubaka ubumwe zegerejwe abaturage.

IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE

- Gutegura no gukora Ihuriro ngarukamwaka rya 17 rya Unity Club Intwararumuri;
- Gukora ibiganiro ngarukakwezi kuri Radiyo na Televiziyo (RBA) mu rubuga rwa Ndi Umunyarwanda;
- Gukomeza gushyira mu bikorwa Umushinga wo Kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu Mashuri Makuru na Kaminuza;
- Kuvugurura Inyoborabiganiro ya Ndi Umunyarwanda mu bufatanye na MINUBUWME, bizakomeza umwaka utaha;
- Gutegura ibikorwa byo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi;
- Ibiganiro ngarukagihembwe mu baturanyi b'Impinganzima ya Huye mu mushinga wa ICDP;
- Imikoranire myiza n'Abafatanyabikorwa.

Ihuriro ngarukamwaka rya 17 rya Unity Club

Mu bufatanye na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, hateguwe kandi hakorwa Ihuriro rya 17 rya Unity Club, riba tariki 16 Ugushyingo 2024, ribera muri Kigali

Convention Centre. Ryitabiriwa n’abantu 487 barimo abanyamuryango ba Unity Club, abandi bayobozi mu nzego zinyuranye z’Igihugu, abahagarariye urubyiruko, amadini, abanyamakuru na sosiyete sivile. Ryari rifite Insanganyamatsiko igira iti:” Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo Ngenga cy’Ukubaho kwacu”, aho ibiganiro byagarutse ku nteruro:” Amateka n’Uruhare rw’Indangagaciro z’Umuco Nyarwanda mu kwimakaza Imyumvire n’Imitekerereze ihamye”.

Iri Huriro ryabanjirijwe n’ibiganiro byabereye mu mahuriro y’Ubumwe n’Ubudaheramwa mu Turere twose, byateguwe na MINUBUMWE mu bufatanye na Unity Club mu kwezi k’Ukwakira kwahariwe kuzirikana Ubumwe n’Ubudaheranwa bw’Abanyarwanda. Ibi biganiro nabyo byagendeye kuri iriya nsanganyamatsiko n’interuro y’Ihuriro, banaganira no ku ntambwe imaze guterwa, inzitizi zikigaragara muri buri Karere zibangamiye Ubumwe n’ubudaheranwa n’ingamba zo guhangana nazo.

Incamake y’ibyavuye muri ibyo biganiro yagejejwe ku bitabiriye Ihuriro mu kiganiro mbwirwaruhame cyatanzwe na Minisitiri w’Ubumwe bw’Abanyarwanda n’Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) Hon. Jean Damascène BIZIMANA.

a. Gutangiza Ihuriro

Imirimo y'Ihuriro rya 17 yatangiye n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, Nyakubahwa Jeannette KAGAME, Madamu wa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, watanze ikaze anashimira abitabiriyi.



Umuyobozi Mukuru wa Unity Club yagarutse ku mpamvu y'insanganyamatsiko y'Ihuriro ariyo **"Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo Ngenga cy'Ukubaho kwacu."** Yagize ati: *"Uyu mwaka twifuje ko insanganyamatsiko y'iri huriro ikomeza kuba "Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo Ngenga cy'Ukubaho kwacu", kuko ari ngombwa gukomeza kuzirikana ko Ubunyarwanda ari yo sano muzi yacu. Ubumwe bwacu bukaba ingabo ikingira icyo ari cyo cyose cyadutanya."*

Umuyobozi Mukuru yagaye abakomeje kugaragaza ibikorwa bibangamiye Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda muri iki gihe tugezemo, aboneraho kwibutsa urubyiruko, abanyamadini, abayobozi n'Intwararumuri inshingano zabo mu kwimakaza Ubumwe bw'Abanyarwanda:

Yasabye urubyiruko gukomeza kuba ku isonga mu kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, abishimangira muri aya magambo: *“Bigaragara ko mumaze gusobanukirwa amateka yacu, ndetse muri benshi bagira uruhare mu kuyarinda, no guharanira ko u Rwanda rukomeza kwema. Ariko muracyabona urundi rubyiruko hirya no hino runyura indi nzira. Ni ahanyu rero ho kubasangiza icyo mitekerereze myiza, kuko ushobora gusanga hari abo bihinduye – Ntimuzacogore!”*

Yashishikariye Abayobozi b'amadini n'amatorero kurushaho gushyira imbaraga mu gufasha abantu kwiungira, komora ibikomere no kudaheranwa n'amateka mabi twanyuzemo.

Yibukije Abayobozi n'Intwararumuri umukoro bafite mu kurwanya ibikibangamiye Ubumwe bw'Abanyarwanda muri aya magambo: *“Twongere duhige gukorera iki Gihugu, tuzirikana ikiguzi cyo kwibura, tukibona mu ndorerwamo z'amoko n'ibindi bidutandukanya by'ibihahano. Twuzuze inshingano zacu dushyira imbere inyungu z'umuturage, dukomeze kubaka umuntu ucyeye, wuje umutimanama n'umutimamana.*

Ibi na byo bizabe igitekerezo ngenga, kuko ari wo mutamenwa uzarinda ubumwe buhoraho". Yasoje yifuriza abitabiriye Ihuriro kugira ibiganiro byiza.

b. Ikiganiro mbwirwaruhame ku ishusho y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

Ikiganiro cyatanze na Hon. Dr. Jean Damascène BIZIMANA, Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, washimiye Umuyobozi Mukuru wa Unity Club n'abandi banyamuryango uruhare rwabo mu guteza imbere Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.



Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu,
Hon. Dr. Jean Damascène BIZIMANA

Ikiganiro yatanze cyagarutse ku nteruro y'Ihuriro: "Amateka n'Uruhare rw'Indangagaciro z'Umuco Nyarwanda mu kwimakaza Imyumvire n'Imitekerereze ihamye", yasobanuye uruhare rw'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda mu kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa no kugera kuri Gahunda y'Igihugu ya kabiri yo kwihutisha

Iterambere (*NST2*) ndetse n'Icyerekezo 2050, aboneraho no kwibutsa amahitamo y'Abanyarwanda: "u Rwanda rwahisemo ibintu bitatu: Kuba umwe, Gukora neza inshingano no Kureba kure", ari nabyo bishimangira uburyo budasanze bwo gukora.

Yagaragaje ko indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda zatumye u Rwanda rubaho rwunze ubumwe mu binyejana byinshi. Yibutsa ko izo ndangagaciro tubana nazo mu buzima bwacu bwa buri muni, zirimo: Ishyamba, ubutwari, gukunda Igihugu, ubwamugayo, ubumwe, ubudaheranya, ubufatanye, ubwitange, ubucuti, ubugabo, ubugwaneza, ubwizerane, ubuntu, ubupfura, ubuvandimwe, ukuri n'ubushishozi... Yagarutse no kuri kirazira zafashaga Abanyarwanda gukomeza kugira ubumwe: Kirazira kugira amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside, urwango, ivangura, ishyamba, ubutindi, ubusamba, ubuhubutsi, ubuhemu, ubunabwo n'ibindi.

Yakomeje asobanura ko izi ndangagaciro zaje gusenywa n'ubukoloni n'amadini mvamahanga ari naho Abanyarwanda bavanye umugani uvuye ngo "Kiriziya yakuye kirazira", bashakira kugaragaza uruhare rw'amadini mu gusenywa indangagaciro z'umuco nyarwanda.

Mu kiganiro cyeye kandi Minisitiri yagarutse ku ngingo z'ingenzi zavuye mu kiganiro byamaze ukwezi, byakozwe mu Turere twose mu kwezi k'ubumwe

n'ubudaheranwa Unity Club yitabiriye, hasuzumwa urugendo rw'Ubumwe, Ubwiyunge n'Ubudaheranwa n'inzitizi zikibubangamiye.

Ibi biganiro byagaragaje ko mu myaka 30 ishize hari intambwe ishimishije imaze guterwa mu nzira y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, ari nabyo bikomeje kutugeza ku iterambere mu nzego zose rigaragarira buri wese. (Umutekano, ibikorwa remezo, ubufatanye bwa Leta n'abafatanyabikorwa batandukanye bagira uruhare rufatika mu kubaka Ubumwe n'Ubudaheranwa, urubuga rw'ibiganiro byimakaza ubumwe...).

Hashimangiwe akamaro ko gukomeza kubaka Igihugu tuvana amasomo ku mateka yakiranye no ku mucu wacu.

N'ubwo hari intambwe imaze guterwa, haracyari inzitizi zikibangamiye Ubumwe n'Ubudaheranwa zirimo:

- Imyumvire idahwitse ya bamwe, igira uruhare mu kudindiza Ubumwe, Ubudaheranwa n'imibanire y'Abanyarwanda;
- Abapfobyabakanahakana Jenoside yakorewe Abatutsi no gusebya ubuyobozi bagamije kubwangisha abaturage;
- Imbuga nkoranyambaga zabaye umuyoboro kuri bamwe w'ingengabitekerezo ya Jenoside, gukwirakwiza impuha, gusebanya, gutukana, imvugo z'urukozasoni...
- Abakoresha umwambaro w'idini bigisha irondabwoko, ubuhanuzi bushukana bizeza abayoboke babo ibitangaza;

- Hari kandi ikibazo cya bamwe mu bahamwe n'icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi barangije ibihano batari bakosoka ngo bumve uruhare rwabo mu kubaka umuryango nyarwanda.

Yanavuze ku bikorwa by'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ubwicanyi bikomeje kwibasira abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi kandi bamwe mu babikora ugasanga ari n'abagize uruhare muri Jenoside barangije ibihano cyangwa abo mu miryango yabo. Asaba abitabiriye ibiganiro gufata ingamba zihamye zo kubirwanya no kubica burundu kuko bidakwiye mu gihe tugezemo.

N'ubwo hakiri izi nzitizi, Minisitiri yagaragaje ko ubushakashatsi bwakozwe mu 2023 na MINUBUMWE, bugaragaza ko 99% by'Abanyarwanda bemeza ko bashyize imbere Ubunyarwanda, bakanakomera ku ndangagaciro zibwimakaza.

Yanagaragaje ingamba n'ibyifuzo mu gukomeza kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa:

- Gushyira hamwe no gushyiraho ingamba zo guhindura imyumvire mu mikorere bihereye mu bayobozi n'abakozi ba Leta, imiryango itari iya Leta, amadini n'imiryango ishingiyeye ku myemerere;
- Gukomeza gahunda z'igenamigambi n'impinduramatwara zo kurema mu Munyarwanda imyumvire iganisha ku kwigirira

icyizere, akumva ko ibyo abandi bagezeho mu iterambere, natwe dushobora kubigeraho nitwiha intego, tukagira umuhate n’imyumvire inoze mu byo dukora;

- Gushyiraho gahunda ihamye yo gusubiza mu buzima busanzwe abafungurwa barangije ibihano ku byaha bya Jenocide yakorewe Abatutsi no gutegura umuryango nyarwanda kubakira;
- Gukomeza gukangurira ababyeyi n’umuryango nyarwanda muri rusange kurushaho kwimakaza indangagaciro z’umuco nyarwanda no kubwiza ukuri urubyiruko ku mateka y’u Rwanda.

Minisitiri yasoje ikiganiro asaba abari bitabiriye Ihuriro kubakira ibiganiro ku kuri, nk’imwe mu ndangagaciro Abanyarwanda bemeraga ko ari inzira ikwiye kandi ihamye ishimangira ubumwe bwabo.

c. Ikiganiro nyunguranabitekerezo cy'abakuru:
Amateka n'Imiyoborere y'Igihugu



Uhereye ibumoso: Madamu Domitilla MUKANTAGANZWA,
Prof. Jean Léonard BUHIGIRO, Dr. Philbert GAKWENZIRE,
Dr. Eric NDUSHABANDI

Iki kiganiro cyatanzwe na Dr. Philbert GAKWENZIRE, umuhanga mu mateka y'u Rwanda by'umwihariko akaba akora ubushakashatsi kuri Jenocide n'ubukoloni; Prof. Jean Léonard BUHIGIRO, umuhanga mu mateka y'u Rwanda, Dr. Eric NDUSHABANDI, umuhanga muri politiki. Ikiganiro cyayobowe n'Intwararumuri Domitilla MUKANTAGANZWA.

Abatanze ikiganiro bacyubakiye ku bihe bikuru byaranze imiyoborere y'Igihugu cyacu mu mateka: Imiyoborere y'Igihugu mbere y'ubukoloni, mu gihe cy'ubukoloni, muri Repubulika ya mbere n'iya kabiri na nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi.

Prof. Jean Léonard BUHIGIRO yagarutse ku mibanire y'Abanyarwanda n'ubutegetsu bw'Umwami mbere y'ubukoloni.

Yagaragaje ko Abanyarwanda barangwaga n'ubumwe, ubufatanye hagati yabo byagaragariraga mu bikorwa birimo guhingirana, guhana umuganda wo kubaka...; ubuhahirane n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

Ku bijyanye n'ubutegetsu bw'umwami, yagaragaje ko umwami yayoboranaga n'Umugabekazi, Abiru, Abatware b'Intebe n'inzego zo hasi zakoreraga mu baturage, kandi ko amoko yose y'Abanyarwanda yabaga ari muri izo nzego zose.

Abanyarwanda bafataga umwami nk'umubyeyi wabo, bakamwita "Sebantu", bivuga ko umwami yari uw'Abanyarwanda bose.

Dr. Philbert GAKWENZIRE yagarutse ku mateka y'imiyoborere y'Igihugu mu gihe cy'ubukoloni, muri Repubulika ya mbere n'ya kabiri.

Yagaragaje ko mu Rwanda, ubukoloni bwatangiyeye mu 1897, ubwo Abadage bageraga mu Rwanda, bakaza batesha agaciro ubuyobozi bw'umwami, bagakata imipaka, igice kinini cy'Igihugu kikagenda nta munyarwanda ubigizemo uruhare.

Yakomeje agaragaza ko mu 1916, ubwo Abadage bavaga mu Rwanda bagasimburwa n'Ababiligi,

Igihugu cyacu cyagiye mu bihe bikomeye cyane kuko mu 1917-1925, hagiye amategeko n'ingamba zikomeye zo kwereka Umwami Musinga ko ntacyo avuze ku baturage be, waje no gucibwa mu Gihugu, asimburwa n'Umuhungu we MUTARA WA III RUDAHINGWA. Guhera muri icyo gihe, Abanyarwanda nta buyobozi bwari bukibahagarariye, ari umwami, ari abatware, bose bari abakozi b'Ububiligi.

Umuryango w'Abibumbye umaze kujyaho, politiki mpuzamahanga na politiki y'u Rwanda byarahindutse, Ababiligi bemera amashyaka, hari iryitwaga Union Nationale Rwandaise (UNAR) n'iriyitwaga Parti du Mouvement de l'Emancipation Hutu (PARMEHUTU) ryari rishyigikiwe n'Ababiligi cyane, ni naryo ryaje guturukamo imvururu, itotezwa, ubuhunzi n'ubwicanyi bwabaye guhera mu 1959 bwibasiye Abatutsi.

Iryo toteza rirakomeza muri Repubulika ya mbere n'iya kabiri, rigeza ku ndunduro ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ikaza guhagarikwa na FPR Inkotanyi.

Dr Eric NDUSHABANDI yibanze ku mateka y'imiyoborere nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Yavuze ko Umuryango RPF Inkotanyi n'Ingabo zari iza RPA aribo batumye Abanyarwanda bongera kugira icyizere cyo kubaho nyuma ya Jenoside, aho Igihugu cyari kijimye, nta shusho gifite, hari amarira n'imiborogo mu mitima y'abantu.

Yasobanuye ko mu rugendo tumazemo imyaka 30 rwo kongera kubaka u Rwanda, byasabye ubuyobozi bureba kure, bufite imitekerereze yagutse, bufite indangagaciro yo gukunda Igihugu, ari nabyo byayoboye urugamba rwo kubohora Igihugu n’ubu Igihugu cyicyubakiyeho.

Yagaragaje ko icyatumye bishoboka ari amahitamo y’Abanyarwanda **“Twahisemo kuba umwe”** na za politiki zishingiye ku mwihariko tuvoma mu muco nyarwanda.

Uwayoboye ikiganiro, **Mme Domitilla MUKANTAGANZWA** yanzuye muri aya magambo: “Aho tuva ni kure, aho tugeze ni heza. icy’ingenzi twamenya ni uko u Rwanda ruzaba icyo twebwe Abanyarwanda twifuza ko ruba cyo. Tugomba kwigenera ikitubereye, kidukwiriye, tutitaye kubafite ibyo badushakaho cyangwa bashaka kudutegeka gukora”.

d. **Ikiganiro nyunguranabitekerezho cy’urubyiruko:**
Imitekerereze n’Imikorere Ihamye mu Gukomeza
Kubaka u Rwanda twifuza.

Iki kiganiro cyatanzwe na Bwana Olivier Brave NGABO, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko; Samantha TETA, Umukozi mu Biro bya Perezida wa Repubulika y’u Rwanda; Bwana Divin UWAYO, Umuyobozi wa Radio za RBA; kiyoborwa na Madamu Delphine UMUHOZA, Umukozi mu Imbutu Foundation.



Uhereye ibumoso: Delphine UMUHOZA, Brave NGABO, Samantha TETA na Divin UWAYO

Muri iki kiganiro, urubyiruko rwagarutse ku ngingo zitandukanye zirimo: Umurage (*Legacy*) urubyiruko rukura mu mateka y'Igihugu cyacu, Ishusho y'u Rwanda twifuza, Ishusho rusange y'u urubyiruko rw'u Rwanda ruhagaze mu gihe tugezemo, Imitekerereze n'Imikorere y'urubyiruko mu kubaka u Rwanda, icyo urubyiruko rwiyeje n'icyo rusaba abakuru.

Brave NGABO yagarutse ku murage urubyiruko rukura mu Mateka y'Igihugu cyacu. Yasobanuye ko mu mateka ya kera, urubyiruko rukuramo amasomo ashariye y'amacakubiri yagejeje u Rwanda kuri Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994, bigatuma rumenya aho rwatsikiye ngo bitazongera kuba ukundi. Mu mateka ya vuba, urubyiruko rwigiramo ubutwari bw'Abanyarwanda, abato batari gito babaye intwari, bagafata inshingano bakiri

bato, bagahagarika Jenoside yakorewe Abatutsi. Mu mateka ya vuba kandi, yagarutse ku butwari bw'ababyeyi barokotse Jenoside, bemeye kwirenga no kurenga ibikomere byabo bakarera abana b'imfubyi barokotse. Ashimangira ko: "Nk'urubyiruko ni isomo ry'ubudaheranwa rikomeye, bitwibutsa ko dukwiye gufata inshingano zo gukomeza kubaka Igihugu cyiza dufite".

Samantha TETA yakomeje agaragaza ishusho y'u Rwanda twifuza, ko ari u Rwanda ruteye imbere, rurangwa n'imibereho myiza ku banyarwanda bose, nk'uko biteganywa mu cyerekezo cy'Igihugu 2050 ndetse na Gahunda y'Igihugu ya kabiri yo kwihutisha Iterambere (NST2). Urwo Rwanda rero ni urufite umusaruro (*Productive*), rudaheza (*Inclusive*) kandi rudaheranwa (*Resilient*).

Urubyiruko rugomba kubigiramo uruhare, rugaharanira guhora rwunguka ubumenyi (*Skills development*) rushingiye ku mahirwe Igihugu kibaha, kugira ngo rushobore guhatana ku isoko ry'umurimo. Buri wese akagira umusaruro, bikagera no ku Gihugu muri rusange.

Divin UWAYO yagaragaje ishusho rusange ry'uko urubyiruko rw'u Rwanda ruhagaze mu gihe tugezemo n'umusanzu warwo mu kubaka u Rwanda. Yagize ati: "Ubu ntabwo urubyiruko rw'u Rwanda ari rwa rundi twabonye ko rwabaye ibikoresho by'abanyapolitiki, ahubwo ubu urubyiruko rw'u Rwanda turi ku isonga mu bikorwa byose, bihindura ubuzima bw'Igihugu cyacu, tugana aheza twifuza.

Ntabwo tukiri ba rukurikirizindi”.

Ariko hari n’urundi rubyiruko rutana, rugakora ibihabanye n’abo turi bo nk’Abanyarwanda, rukishora mu biyobyabwenge, urugomo, gukoresha nabi imbuga nkoranyambaga...

Yakomeje ashimira ababyeyi n’abayobozi ko babareze mu bihe bikomeye kandi bakabaha amahirwe n’inshingano, abasezeranya ko urubyiruko rutazasinda amahoro n’iterambere Igihugu kimaze kugeraho, kandi ko ruzi neza ko rufatanyije n’abakuru rufite inshingano zo gushyira mu bikorwa icyerekezo cy’Igihugu 2050.

Uwari ayoboye ikiganiro, **Delphine UMUHOZA**, yasoje asaba urubyiruko ko amahirwe rubona yo kwitabira ibiganiro nk’ibi, bakwiye kuyabyaza umusaruro, bakagira ibyo basigarana, bazirikana ihame rivuga ngo mu kiganiro umuntu agomba gukuramo nibura ibintu bitatu:

- Ikikubaka mu buryo bw’amarangamutima,
- Ikikubaka mu buryo bw’umubiri n’ubumenyi,
- Ikikubaka mu buryo bwa roho.

e. Umwanya wo kungurana ibitekerezo

Nyuma y’ibiganiro byombi, abitabiriye Ihuriro bunguranye ibitekerezo ku ngingo zaganiriweho: Bagarutse ku biganiro ababyeyi baganiriza abana babo, bagoreka amateka, babiba amacakubiri n’ingengabitekerezo ya Jenocide. Basaba urubyiruko

kugira umuco wo gusesengura, gushyira mu nyurabwenge bakumva niba koko ibyo babwirwa ari byo, rugahitamo icyiza, ibibi rukabishyira ku ruhande, abakuru beza tubakurikize, ariko ababibabwiraye.

Abitabiriye Ihuriro bongeye gushimangira ko umurage w'ubumwe u Rwanda rwubakiyeho muri iki gihe, wahozeho no mu mateka ya kera. Hatanze urugero rwo mu mwaka wa 1830, aho Umwami MUTARA WA II RWOGERA mu mihigo ye akimara kwima yagize ati: *“Harama abakomeye ku bumwe, umwanzi mubi ni ugerageza kuzana amagomerane, agashaka gutanya abantu, bene uwo muntu nimumubona mumwamaganire kure, mbibahaye ho umurage. U Rwanda nirukomeza ubumwe, nta mwanzi uzaruhangara”*.

Basabye gukomeza gushyira imbaraga muri gahunda z'isanamitima (Mvura nkuvure, Nyumva nkumve...) mu rugendo rw'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda kubera ko ikibazo cy'ubuzima bwo mu mutwe gikomeza kugenda kigaragara.

Abari mu Ihuriro basabye gukomeza guha agaciro ururimi rw'Ikinyarwanda, banashimiye urubyiruko rwatanze ikiganiro mu Kinyarwanda cyiza ndetse barusabye gukomeza kubishishikariza urundi rubyiruko.

Bashimangiye akamaro k'umuco w'ibiganiro mu rugendo rwo kubaka Ubumwe, Ubwiyunge, Ubudaheranwa no kubana mu mahoro, basaba ko

ibiganiro byahabwa imbaraga no mu nzego zose cyane cyane mu nzego z'ibanze.

Hatanzwe kandi igitekerezo cyo gukomeza gushyira imbaraga mu biganirwa bitangwa muri Diyasipora kuko usanga Abanyarwanda babaye bakeneye kuganirizwa ku buryo bwihariye ku mateka y'u Rwanda na Ndi Umunyarwanda.

f. Gusoma Ihuriro rya 17 rya Unity Club

INKERA Y'IMIHIGO

Mu bihe by'ingenzi Ihuriro ryagize harimo kwakira Umunyamuryango w'Icyubahiro, Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda mu mugoroba w'Inkeri y'Imihigo.



Nyakubahwa Perezida wa Repubulika agezwaho Imihigo y'Intwararumuri

Mu buryo bw'ubusizi, indirimbo n'imbyino, abanyamuryango ba Unity Club bakoze mu nganzo, batanga ubuhamya ku mavu n'amavuko n'icyerekezo cyayo ndetse bahiga imbere y'Umukuru w'Igihugu, bagaragaza uko biteguye gufatanya nawe gushyira mu bikorwa Gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere (NST2). Intwararumuri biyemeje gukomeza kubaka Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda ndetse no gutanga umusanzu mu iterambere rirambye. Iyo niyo yari Intero n'inyikirizo mu njyana y'abahuje gahunda.

Nk'abateruye ikivi gishya cy'imyaka itanu, bagarutse ku nzira ndende banyuzemo, bongera guhiga gukomeza kuba umusemburo wa gahunda nziza zubaka u Rwanda. Berekana ko ibyo byose bishoboka kubera imiyoborere myiza y'Igihugu cyacu, irangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME.

Muri iyi Nkera y'Imihigo kandi, abatumirwa basusurukijwe n'Itorero INTWARARUMURI rya Unity Club mu mbyino gakondo.



Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, aseruka mu Itorero



Itorero rya Unity Club risusurutsa abitabiriye igitaramo gisoza Ihuriro rya 17 rya Unity Club Intwarumuri



Intwarumuri Amb. Vincent KAREGA na Hon. Moussa FAZIL mu murishyo w'ingoma

IMPANURO ZA NYAKUBAHWA PAUL KAGAME, PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA



Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda ageza ijambo ku bitabiriye Ihuriro rya 17

Mu ijambo rya Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, yashimiye ibikorwa bya Unity Club bihuza abantu, by'umwihariko abahoze ari abayobozi muri Guverinoma: *"Icyamba mbere cy'ibanze ndashimira Unity Club, iraduhuza twari tumaze imyaka myinshi tutabonana. Nishimiye rero kubabona no kuba ndi kumwe namwe uyu mugoroba"*.

Mu ijambo ry'Umukuru w'Igihugu, yagarutse ku mpamvu zatumye Unity Club ibaho, mu bihe byari bikomeye, nyuma gato ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, agaragaza ko yaje igihe hari ibibazo byinshi cyane mu Gihugu, iza nka kimwe mu ngamba nyinshi zafatwaga mu gushaka ibisubizo

by'ibyo bibazo bikomoka ku mateka y'u Rwanda.

Nyakubahwa Perezida KAGAME yatanze igisobanuro ku mateka yacu muri aya magambo:” Aya mateka yacu arimo icyo turi cyo nk’Abanyarwanda. Icyo turi cyo wagikunda, utagikunda, hari icyo uri cyo, uri Umunyarwanda, kubyihanagura biragoye”. Yibukije ko kuba Umunyarwanda yajya mu kindi gihugu akabayo, agahabwa ibyangombwa byacyo, bidakuraho ibya kavukire, ko ari Umunyarwanda.

Yanagarutse ku bavuga nabi u Rwanda n’Abayobozi, ariko anibutsa ko iyo abantu bashyize hamwe, babandi bafite intego yo kutugira abo tutari bo, bihinduka ubusa.

Nyakubahwa Perezida KAGAME yagarutse kandi ku bwicanyi bukomeje kwibasira abaciste ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi, yibutsa ko bidakwiye ko hari umuntu wongera kuzira icyo abandi bazize mu myaka yashize, asaba buri wese, bihereye mu muryango kwisuzuma, kwikebuka, kugirango buri wese ahe umurage mwiza urubwiruko ruzaheraho rukomeza kubaka u Rwanda twifuza.

Yongeye gushishikariza buri wese, mu mwanya arimo, gukomeza gufata ingamba zo gukora icyo ashoboye mu gukomeza kubaka Igihugu cyacu mu buryo burambye, ati: “Igisigaye rero ni ugukotana, tugakomeza kubiharanira”.

Nyakubahwa Perezida KAGAME yasoje yibutsa ko: “Ku byiza bimaze kugerwaho, n’abandi babona kandi batuvuga, bikwiye kudutera imbaraga zo kubirinda no kongeraho ibindi nk’ibyo ngibyo, ntabwo ari ibyo kwirara...Nicyo gituma abantu bahora batara imbere”.

❖ **Urubuga rw’Ibiganiro kuri Ndi Umunyarwanda: Ibiganiro ngarukakwezi kuri Radio na Televiziyo (RBA)**

Ibi ni ibiganiro ngarukakwezi bya Ndi Umunyarwanda, bitegurwa na Unity Club mu bufatanye na MINUBUMWE na RBA. Bigirwamo urahare n’Abanyamuryango ba Unity Club, MINUBUMWE n’abandi bafatanyabikorwa.

DUSANGIRE

IJAMBO

Ishusho y'Ubumwe bw'Abanyarwanda mu bihe by'amatora

UWAYO Divin
Umunyamakuru

Hon. MUKAMA Abbas
Imunyigishwa/NEPO

MUKANTAGANZWA Demitilla
Unity Club Interwarumuri

Hon. Alice KAYUMBA Uwera
MINUBUMWE

28 Nyakanga 2024 **10H00-11H00**

Kirambuka kuri:

www.rba.co.rw [@rbarwanda](https://twitter.com/rbarwanda) [RwandaTV](https://www.facebook.com/RwandaTV) [@rba.rwanda](https://www.instagram.com/rba.rwanda)

Muri uyu mwaka, hakoze ibiganiro bikurikira:

- Tariki 28/07/2024, hakoze ikiganiro cyari gifite Insanganyamatsiko yagiraga iti: **"ISHUSHO Y'UBUMWE BW'ABANYARWANDA MU BIHE BY'AMATORA"**.

Iki kiganiro cyagizwemo uruhare na Hon. Domitilla MUKANTAGANZWA, Umunyamuryango wa Unity Club; Hon. Abbas MUKAMA, Umuvugizi w'Ihuriro Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda na Mme Alice KAYUMBA UWERA, Umuyobozi Nshingwabikorwa ushinze Ubumwe n'Ubudaherana bw'Abanyarwanda muri MINUBUMWE.

Cyari gifite intego yo kugaragaza uruhare rw'Imitwe ya Politiki, Abanyapolitiki n'Abanyarwanda muri rusange mu gushimangira Ubumwe bw'Abanyarwanda mu bihe byo kwamamaza n'amatora ya Perezida wa Repubulika n'Abadepite yabaye muri Nyakanga 2024.

Ikiganiro kirambuye: Link:
<https://t.co/qaFPWTE6Nc>

- Tariki 01/09/2024, hakoze ikiganiro ku Insanganyamatsiko igira iti: **"NDI UMUNYARWANDA MU KUBAKA AMAHORO ARAMBYE"**.

Iki kiganiro cyagizwemo uruhare na Dr Charles MURIGANDE, Umunyamuryango wa Unity Club; Bwana Alphonse MUNYENTWARI, Umuyobozi wa Aegis Trust mu Rwanda na Sheikh Mussa SINDAYIGAYA, Rwanda Interfaith Council (RIC). Cyari gifite intego yo kugaragaza uruhare rwa Ndi Umunyarwanda mu kubaka amahoro arambye.

Ikiganiro kirambuye: Link:
<https://youtu.be/ttdmxbyVkos>

- Tariki 29/09/2024, hakoze ikiganiro ku Insanganyamatsiko igira iti: **"INDANGAGACIRO NA KIRAZIRA, ISOKO Y'UBUMWE N'UBUDAHERANWA BW'ABANYARWANDA"**.

Iki kiganiro cyagizwemo uruhare na Mme Domitilla MUKANTAGANZWA, Umunyamuryango wa Unity Club; Dr Sylvestre NZAHABWANAYO; Umuyobozi wa IRDP na Mme Alice KAYUMBA UWERA, Umuyobozi Nshingwabikorwa ushinze Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda muri MINUBUMWE.

Cyari gifite intego yo kumenyekanisha by'umwihariko ibikorwa biteganyijwe mu kwezi k'Ukwakira kwahariwe kuzirikana k'Ubumwe n'Ubudaheranwa.

Ikiganiro kirambuye:

Link: <https://youtu.be/xG3oKYwJsB4?si=Q3E56YknGj8s7V4Z>

- Tariki 01/12/2024 habaye ikiganiro kuri Radio na Televiziyo y'u Rwanda, ku Insanganyamatsiko yagiraga iti: **"UMUSARURO W'IHURIRO RYA 17 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI"**.

Iki kiganiro cyagizwemo uruhare na Mme Domitilla MUKANTAGANZWA, Umunyamuryango wa Unity Club na Mme Alice KAYUMBA UWERA, Umuyobozi Nshingwabikorwa ushinzwe Ubumwe n'Ubudaheranza bw'Abanyarwanda muri MINUBUMWE. Cyari gifite intego yo kugaragaza umusaruro wavuye mu Ihuriro n'ishyirwamubikorwa ry'ibyemezo ngiro byaryo.

Ikiganiro kirambuye:

Link: <https://youtu.be/kxNTPM1304?si=Oa4CG0oYUn3UaUNk>

- Tariki 29/12/2024, habaye ikiganiro ku Insanganyamatsiko igira iti: **"UBUMWE N'UBUDAHERANWA BW'ABANYARWANDA: URUGERO RW'ABABYEYI B'INTWAZA"**.

Iki kiganiro cyagizwemo uruhare na Hon. Francine TUMUSHIME, Umunyamuryango wa Unity Club na Hon. Alice UWERA KAYUMBA, Umuyobozi Nshingwabikorwa ushinzwe Ubumwe n'Ubudaheranza bw'Abanyarwanda muri MINUBUMWE.

Cyari gifite intego yo kugaruka ku mibereho y'Ababyeyi b'Intwaza, uko biyubatsemo ubudaheranza, bakubaka n'ubw'abandi Banyarwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi n'ibikorwa bibakorerwa kugirango bakomeze kubungabunga ubuzima bwabo no gukomeza kubera abandi urugero.

Ikiganiro kirambuye:

Link: <https://youtu.be/07QSEYcOhqw?si=8REMBE0BpXUJ9Bq>

- Tariki 26/01/2025, hakoze ikiganiro ku Insanganyamatsiko igira iti: **“NDI UMUNYARWANDA: ISOKO Y’UBUTWARI, UBUMWE NO GUKUNDA IGIHUGU”**.

Iki kiganiro cyagizwemo uruhare na Hon. Espérance NYIRASAFARI, Umunyamuryango wa Unity Club; Déo NKUSI, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CHENO na Col Désiré MIGAMBI MUNGAMBA, wari uhagarariye Minisiteri y’Ingabo.

Cyari gifite intego yo kugaragaza isano iri hagati ya Ndi Umunyarwanda, Ubutwari, Ubumwe, Gukunda Igihugu n’Iterambere.

Ikiganiro kirambuye: Link: <https://youtu.be/O9KJfWXj1IM?si=C6Y5BF1QNqXwoam>

- Tariki 01/03/2025, hakoze ikiganiro ku Insanganyamatsiko igira iti: **"URUHARE RWA NDI UMUNYARWANDA MU KUBAKA UMURYANGO"**.

Iki kiganiro cyagizwemo uruhare na Hon. Odette NYIRAMIRIMO, Umunyamuryango wa Unity Club; Madamu Marie Mediatrice UMUBYEYI, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore na Rev. Isaie NDAYIZEYE, Umushumba Mukuru wa ADEPR.

Cyari gifite intego yo kugaragaza uruhare rw'Indangagaciro na Kirazira mu kubaka Umuryango (ababyeyi+abana) uhamye.

Ikiganiro kirambuye: Link:

<https://youtu.be/8efH8L4Ok4?si=QhZirfYh4IWPSixc>

- Tariki 29/04/2025, hakoze ikiganiro ku Insanganyamatsiko igira iti: **"KWIBUKA 31: URUHARE RWA NDI UMUNYARWANDA MU KURWANYA INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE"**.

Iki kiganiro cyagizwemo uruhare na Emb. Diane GASHUMBA, Umunyamuryango wa Unitya Club; Mme Laurence MUKAYIRANGA, Umukozi muri MINUBUMWE na Frank SHYAKA, Umuyobozi w'Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaherana muri Kaminuza y'u Rwanda, Ishami rya Nyarugenge.

Cyari gifite intego yo kugaragaza ingamba zo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu Rwanda no mu Mahanga.

Ikiganiro kirambuye:

Link: <https://www.youtube.com/watch?v=9IPPhTHGKGw>

- Tariki 25/05/2025, hakoze ikiganiro ku Insanganyamatsiko igira iti: **"URUHARE RW'UMURIMO MU KUBAKA UBUMWE N'UBUDAHERANWA BW'ABANYARWANDA"**.

Ni ikiganiro cyagizwemo uruhare na Hon. Christine NKURIKIYINKA, Minisitiri w'Umurimo akaba n'Umunyamuryango wa Unity Club; Bwana Eric MAHORU, Umunyamabanga Uhoraho muri MINUBUMWE na Claudine UWAMAHORU, urubyiruko rwagize ubudaheranwa, rukihangira umurimo. Cyari gifite intego yo kugaragaza uburyo umurimo ugira uruhare runini mu kuzamura Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

Ikiganiro kirambuye:

Link: <https://www.youtube.com/watch?v=AcErce6YWwA>

- Tariki 29/06/2025, hakoze ikiganiro ku Insanganyamatsiko igira iti: **"URUHARE RW'URUBYIRUKO MU KWIMAKAZA NDI UMUNYARWANDA"**.

Iki kiganiro cyagizwemo uruhare na Hon. UTUMATWISHIMA Jean Népo Abdallah, Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi akaba n'Umunyamuryango wa Unity Club; Tito HARERIMANA, umunyeshuri mu cyiciro cya gatatu cya Kaminuza muri Kaminuza ya Kigali, akaba na social media influencer na Eliane NIYONKURU, umunyeshuri muri Kaminuza ya INES-Ruhengeri, akaba n'umuyobozi w'Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa.

Cyari gifite intego yo kugaragaza ko, urubyiruko rushyize imbere Ubunyarwanda ariko kubaho k'u Rwanda n'ingamba zihari zo gukomeza kubakira urubyiruko ubumenyi ku mateka na Ndi Umunyarwanda.

Ikiganiro kirambye:

Link: <https://www.youtube.com/watch?v=x4o-qTQ0JHQ>

❖ **Umushinga wo Kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu Mashuri Makuru na Kaminuza. Icyiciro cya kane.**

Kuva 2019, Umuryango Unity Club Intwararumuri, mu bufatanye na Minisitiri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE),

Minisiteri y'Urubwiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi (MoYA), Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), Rwanda Defence Force Command and Staff College (RDFCSC) n'Ikigo cy'Ubushakashatsi n'Ubusabane bigamije Amahoro (IRDP), ubinyujije mu mushinga wo Kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu Mashuri Makuru na Kaminuza, hateguwe kandi hakorwa ibiganiro kuri Ndi Umunyarwanda, hanatangizwa n'Amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheheranwa mu mashuri Makuru na Kaminuza 41.

Muri uyu mwaka dusoje, Nyakanga 2024 - Kamena 2025, hakomeje ishyirwamubikorwa ry'icyiciro cyawo cya kane cyaranzwe no Gutangiza ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda mu mashuri Makuru na Kaminuza mashya icyenda (9)¹, ibiganiro byatanze n'abanyamuryango ba Unity Club bunganiwe n'abafatanyabikorwa; Gutera inkunga imishinga makumyabiri n'icyenda 29 yimakaza Ndi Umunyarwanda yakozwe n'Amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheheranwa.

Buri Huriro ryatewe inkunga ingana na Miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1,000,000Frw) abafasha mu bikorwa byo kwimakaza Ndi Umunyarwanda bateguye.

¹Amashuri 9 mashya yatangiye ibiganiro: University of Kigali, ILPD Nyanza, Seminari Nkuru y'i Rutongo, Seminari Nkuru ya Nyakibanda, East African Christian College/EACC, Rwanda Institute of Conservation Agriculture/ RICA, Adventist University of Central Africa/AUCA MASORO and AUCA Gishushu Campus.



Ibiganiro mu i Seminari Nkuru ya Kabgayi



Ibiganiro muri AUCA Ishami rya Gishushu

Uyu mwaka kandi waranzwe n'uko amahuriro yatangiye ibikorwa byimakaza Ndi Umunyarwanda nyuma yo kubona amahugurwa n'inkunga. Binyuze mu mishinga bateguye, abanyeshuri bo muri Kaminuza, bunganiwe n'abarimu/imboni n'abafatanyabikorwa babo, batangiye kwigisha Ndi

Umunyarwanda mu mashuri yabo no mu mashuri yisumbuye abegereye, bakora n'ibindi bikorwa byo gukunda Igihugu birimo kwitabira ibikorwa by'umuganda, kwishyurira imiryango itishoboye ubwisungane mu kwivuza (urugero: INES Ruhengeri yishyuriye ubwishingizi bwo kwivuza imiryango 150 itishoboye)... bagiye batanga raporo uko bakoze ibikorwa.



Amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu bikorwa byo kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu mashuri Makuru n'Ayisumbuye



Amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu bikorwa byo kwimakaza
Ndi Umunyarwanda mu mashuri Makuru n'Ayisumbuye

Gusuzuma umusaruro wavuye mu mishinga Amahuriro yashyize mu bikorwa, ni igikorwa nacyo cyakozwe muri uyu mwaka n'abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa, hanarebwa abahize abandi bazahembwa mu gikorwa cyo gusozza icyiciro cya kane cy'umushinga nka motivation.

Isuzuma ry'imishinga ryakozwe mu buryo bubiri: gusuzuma ibikubiye muri Raporo zatanze no gusura ibyakozwe.

Ibyagendeweho mu isuzuma

- Umushinga washyizwe mu bikorwa nk'uko byari biteganyijwe
- Raporo zikoze neza (*Narrative&Finance*) kandi yatanzwe ku gihe
- Abantu ubutumwa bwagezeho n'uburyo bwakoreshejwe
- Agashya (*Innovation*)

Ibyavuye mu isuzuma:

Isuzuma ryagaragaje ko ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda byakozwe hose, ariko hari amashuri 8 yagize umwihariko, agakora ibirenze ibyari biteganyijwe, akaba ariyo yahawe ishimwe mu gihe cyo gusoza ikiciro cya kane cy'umushinga aribo: UR-Nyarugenge; INES Ruhengeri; Ishuri Rikuru ry'Ubuzima rya Ruli; Catholic University of Rwanda; Rwanda Polytechnic Karongi College; Protestant University of Rwanda; ULK-Gisenyi Campus; University of Rwanda College of Education.

Ariko hari ibitaragenze neza:

- Hari amashuriro yahuguwe ariko ntiyatanga imishinga (RP Kigali College; UNILAK Kigali; UR-Huye Campus);
- Hari amashuriro dusoje icyiciro cya kane ataratanga Raporo y'ibikorwa n'iy'amafaranga (UTB Kigali; UTB Gisenyi; Rwanda Polytechnic

(RP) Kigali College; RP Musanze College;
East African University Rwanda-Nyagatare
Campus; UR Nyagatare Campus na ESAPAG
GITWE);

- Hari amashuri 8, akenshi yiganjemo
abanyamahanga ataragaragaje ubushake bwo
kwakira ibiganiri.

Ikindi gikorwa cy'ingenzi cyakozwe ni Ugusoza icyiciro cya kane cy'umushinga, tariki 20/06/2025. Iki gikorwa cyitabiriwe n'abantu 140, barimo abanyamuryango ba Unity Club, abafatanyabikorwa muri uyu mushinga, abayobozi b'amashuri, abarimu n'abanyeshuri.



Abitabiriye igikorwa cyo gusoza icyiciro cya kane

Wabaye umwanya mwiza wo guhuza abagize uruhare bose mu mushinga, kongera kuganira ku mpamvu zo Kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu rubyiruko rwo muri Kaminuza, kureba Ibyakozwe,

Ibiteganyijwe, gushimira no gufata ingamba zo gukomeza mu kindi cyiciro cya gatanu ngo kizagende neza kurushaho.

By'umwihariko, uwo munsu waranzwe no:

- Kugaragaza bimwe mu bikorwa by'imishinga y'Amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa (2024-2025), amashuri 3 aza ku isonga mu yahize ayandi niyo yamuritse ibikorwa: UR Nyarugenge; INES Ruhengeri; Ishuri Rikuru ry'Ubuzima rya Ruli.
- Ikiganiro nyunguranabitekerezo:

"Uruhare rw'Amashuri Makuru na Kaminuza mu Kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa, Gukumira no Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenocide".

Ni ikiganiro cyakozwe mu buryo bwa Panel, cyatanze na Hon. Claudette IRERE, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi, Bwana Eric MAHORO, Umunyamabanga Uhoraho muri MINUBUMWE, Dr. Thierry MURANGIRA, Umuvugizi w'Urwego rw'Ubugenacyaha. Ikiganiro cyayobowe na Mme Grace USANASE, Umukozi ushinze itumanaho muri Unity Club.



Uhereye i bumoso: Mme Grace USANASE, Hon. Claudette IRERE, Bwana Eric MAHORO, Dr. Thierry MURANGIRA

Mu kiganiro, bose bashimangiye ko urubwiruko rwo muri Kaminuza rugomba kumenya amateka, kugira indangagaciro nyarwanda, gufata inshingano zo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside...bagarutse no ku ruhare rw'abayobozi b'amashuri mu gushyira mu bikorwa uyu mushinga. Mu mwanya wo kungurana ibitekerezo, abari mu nama babajije ibibazo, batanga inama, ibyifuzo, hafatwa imyanzuro ikurikira izatuma iyi gahunda igenda neza kurushaho:

UMWANZURO	URWEGO RUZABISHYIRA MU BIKORWA
Gushyiraho uburyo Ndi Umunyarwanda izajya yigishwa no mu mashuri yigamo abanyamahanga benshi	MINUBUMWE

Gukora ingando z'Abayobozi b'Amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa	MINUBUWE
Guhuza Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa no Kwibuka (Unity, Resilience and Memory)	MINUBUMWE MINEDUC UNITY CLUB
Gushyira abanyeshuri bose mu Ihuriro ry'ubumwe n'Ubudaheranwa	MINEDUC Umuyobozi w'ishuri
Gukomeza Umushinga wo Kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu rubyiruko	UNITY CLUB Abafatanyabikorwa

Ikindi gikorwa cyaranze uyu munsu ni ugushimira amahuriro umunani (8) yahize ayandi.

Guhemba abakoze neza ni "Motivation" ituma bakomeza gushyira mu bikorwa umushinga, ariko bituma n'abandi ubutaha bakora neza kurushaho.

Amahuriro akurikira yo mu mashuri 8 niyo yahize ayandi, ari nayo yahawe ibihembo nk'uko iyi mbonerahamwe ibyerekanaga:

ISHURI	IZINA RY'UMUSHINGA	UMWIHARIKO	ISHIMWE
1. UR CST/ NYARUGENGE	Umushinga w'Urubuga rwo kwimakaza Ndi Umunyarwanda binyuze ku ikoranabuhanga - "Ivomo website - Video (Visual reality) yerekana amateka y'u Rwanda	- Gukoresha ikoranabuhanga, bahereye kubyo biga - Ibihangano byabo bigera ku bantu benshi ndetse n'abari mu mahanga - Indangagaciro yo gukora raporo y'ibikorwa kandi ku gihe	Certificat + 1,200,000 Frw
2. INES RUHENGELI	Umushinga wo kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranza mu rubyiruko rwiga muri INES-Ruhengeri n'amashuri ayikikije ya GS Musanze I, ST Aloys na Ecole des Sciences de Musanze	- Gufasha imiryango itishoboye 150 kwishyura ubwisungane mu kwivuza - Kunyomoza amakuru atariyo, asebya Igihugu anyuzwa ku mbuga nkoranyambaga, kandi biri mu nshingano z'Ihuriro - Indangagaciro yo gukora raporo y'ibikorwa kandi ku gihe	Certificat + 1,00,000 Frw

3. ISHURI RIKURU RY"UBUZIMA RYA RULI (RHIH)	Kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu rubyiruko rwo muri Kaminuza ya RHIH, mu mashuri Yisumbuye, mu madini no mu nteko z'abatuye mu Murenge wa Ruli	- Gukoresha platforms zihari: Inteko z'abatuye, Forum Catholic - z'urubiruko...bagakorana gahunda y'ibikorwa - Indangagaciro yo gukora raporo y'ibikorwa kandi ku gihe	Certificat + 800,000 Frw
4. CATHOLIC UNIVERSITY OF RWANDA	"Ndi Umunyarwanda" Ubuzima Bwacu	- Gufasha abandi banyeshuri badafite ubushobozi - Guhugurana hagati yabo: mu ikoranabuhanga, mu ndimi, guteka ... - Indangagaciro yo gukora no gutanga Raporo	Certificat+ 700,000 Frw

5. RWANDA POLYTECHNIC KARONGI COLLEGE	Kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu rubyiruko rwiga muri RP Karongi College no mu Mashuri yisumbuye ayegereye yo mu Murenge wa Bwishyura mu KARERE: GS Kibuye, GS Nyegabo, GS Karongi, ES Sainte Marie Kibuye	- Gutegura neza ibikorwa bikitarirwa n'abantu benshi - Indangagaciro yo gukora no gutanga Raporo	Certificat + 600,000 Frw
6. PROTESTANT UNIVERSITY OF RWANDA	Umushinga wo kuzamura ubumenyi kuri Ndi Umunyarwanda mu rubyiruko rwiga muri PIASS/HUYE no mu mashuri yisumbuye ayikikije (GS Coko, GS St Francois D'Assise De Kansi)	- Kwifatanya n'abaturage mu gikorwa cy'umuganda no gutanga ibiganiro - Indangagaciro yo gukora no gutanga Raporo	Certificat + 500,000 Frw

7. ULK-GISENYI CAMPUS	Ibiganiro muri kaminuza ya ULK n'ibiganiro n'amarushanwa kuri ndi umunyarwanda mu rubyiruko rwo mashuri yisumbuye mu mirenge ya gisenyi, rugerero na rubavu.	- Kwigisha urubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye, binyuze mu marushanwa y'imivugo, indirimbo, ubumenyi bw'amateka, ni bwiza ku rubyiruko - Indangagaciro yo gukora no gutanga Raporo	Certificat + 500,000 Frw
8. UNIVERSITY OF RWANDA COLLEGE OF EDUCATION	Umushinga wo gukora igitaramo n'ibiganiro byo kwimakaza ndi umunyarwanda mu mashuri y'isumbuye.	- Urubyiruko rwakoze itorero bakoresha mu biganiro bya Ndi Umunyarwanda, ni uburyo urubyiruko rukunda - Indangagaciro yo gukora no gutanga Raporo	Certificat + 500,000 Frw



Amashuri 8 yahawe ibihembo

Uyu muni wasojwe n'Umunyamabanga Nshingwa-bikorwa wa Unity Club Madamu Julienne UWACU, mu butumwa yatanze asoza, yashimiye abitabiriye inama bakanayigiramo uruhare.

Mu ijamba rye kandi yasabye Ubuyobozi bw'Amashuri gukomeza gushyigikira ibikorwa byimakaza Ndi Umunyarwanda, asaba n'urubyiruko (abanyeshuri) kuba aba ambasaderi b'Ubumwe n'Ubudaheranza aho bari hose, haba mu mashuri, mu miryango, no mu muryango Nyarwanda muri rusange.

Yasojwe ashimira abafatanyabikorwa ba Unity Club muri iki gikorwa cyo Kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu rubyiruko rwo mu Mashuri Makuru na Kaminuza, abasaba kuzagira uruhare rufatika mu cyiciro cya gatanu kigiye gutangira mu mwaka 2025-2026, kizaba kirimo ibikorwa byo gushyigikira amahuriro, ibiganiro ndetse n'amahugurwa ku gukoresha imbugankoranyambaga ...

“Dukomeze dushyire hamwe kugira ngo tuzashobore guhamya intego twiyemeje yo kubaka u Rwanda rwiza kandi rwunze UBUMWE”.



Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club
Madamu Julienne UWACU asoza icyiciro cya kane cy'umushinga

❖ **Kuvugurura Inyoborabiganiro ya Ndi Umunyarwanda**

Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu k'ubufatanye na Unity Club bahereye ku bitekerezo byagiye bigaragazwa mu nama no mu biganiro bya Ndi Umunyarwanda hirya no hino mu Gihugu, harimo kuvugururwa Inyoborabiganiro ya Ndi Umunyarwanda kugirango ijyane n'igihe tugezemo kandi inajyane n'umwihariko w'icyiciro cyiganirizwa.

Iki gikorwa kirimo gukorwa n'itsinda rigizwe n'abanyamuryango ba Unity Club bunganirwa n'impuguke (*consultant*).

Hakusanijwe ibitekerezo mu byiciro bitandukanye by'Abanyarwanda birimo urubyiruko; ababyeyi n'abarezi; abayobozi n'abakozi mu nzego zitandukanye; Abayobozi b'Amadini n'Amatorero, abashakashatsi, Urwego rw'Igihugu Ngishwanama rw'Inararibonye...

Ibyo bitekerezo byashyizwe hamwe, handikwa imbanzirizamushinga y'inyoborabiganiro, ikinozwa n'itsinda. Iki gikorwa kikazasozwa umwaka utaha.



Ikiganiro nyunguranabitekerezo n'abagize Urwego rw'Igihugu rw'Inararibonye

❖ **Kwibuka ku Nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi**

Buri mwaka mu minsi 100 yo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Umuryango Unity Club wifatanya n'abandi Banyarwanda kwibuka, ariko ukagira n'umwihariko mu bindi bikorwa.

Uyu mwaka hatanzwe ubutumwa bw'ihumure; gusura no gufata mu mugongo Ababyeyi b'Intwaza no gusura Urwibutso rwa Nyamata mu Karere ka Bugesera.

1. Gutanga ubutumwa bugenewe Abanyarwanda mu minsi 100 yo Kwibuka

Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Madamu Jeannette KAGAME, bamwe mu banyamuryango ba Unity Club, Umurinzi w'Igihango, Intwaza, bageneye ubutumwa Abanyarwanda.

Mu butumwa bwo kwifatanya n'Abanyarwanda bose mu gihe cyo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, yagaragaje ko **"Kwibuka ari intango y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda"**.



2. Gusura no gufata mu mugongo Ababyeyi b'Intwaza

Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri bifatanyije n'Intwaza Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994. Iki gikorwa cyabereye mu ngo enye z'Impinganzima mu turere twa Huye, Bugesera, Nyanza na Rusizi. Hibutswe by'umwihariko abari bagize imiryango yabo yishwe ikazima:

- Tariki 23/04/2025, mu Mpinganzima ya Huye, twibutse abantu 662
- Tariki 25/04/2025, mu Mpinganzima ya Bugesera, twibutse abantu 548
- Tariki 30/05/2025, mu Mpinganzima ya Nyanza, twibutse abantu 527
- Tariki 06/06/2025, mu Mpinganzima ya Rusizi, twibutse 308

Muri rusange ubutumwa bwatanze, bwihanganishije ababyeyi, bushimangira ko Kwibuka ari inzira nyayo yo gusubiza icyubahiro abacu bazize Jenocide, ariko ari n'uburyo budufasha kongera kwiyubaka mu mitima no mu mibanire yacu nk'Abanyarwanda.

Ubutumwa buhumuriza ababyeyi bubabwira ko batari bonyine, Ubuyobozi bw'Igihugu bubashyize ku mutima, butazigera bubasiga inyuma, ahubwo buzakomeza gukora ibishoboka byose kugira ngo babeho neza.

Ababyeyi bashimirwa ubudaheranwa bagaragaje, aho batuye barangwa n’ubumwe, urukundo n’amahoro kandi babanye neza n’abaturanyi, bagatoza abato indangagaciro nziza, bakabasobanurira amateka akomeye Igihugu cyacu cyanyuzemo.

Igikorwa cyo kwifatanya n’Ababyeyi b’Intwaza Kwibuka ababo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi, gusobanukirwa amateka, kumva ubuhamya bw’Intwaza ni bumwe mu buryo bufasha mu guhererekanya no gusigasira umurage w’ubumwe n’ubudaheranwa.

By’umwihariko hashimiwe Leta ikomeje gufasha ababyeyi binyuze muri MINUBUMWE n’abafatanyabikorwa bagira uruhare mu gususurutsa ingo z’Impinganzima no kwita k’ubuzima bw’ababyeyi.



Abanyamuryango ba Unity Club bahumiriza Intwaza



Abanyamuryango ba Unity Club bahumuriza Intwaza

3. Gusura urwibutso rwa Jenoside rwa Nyamata



Abanyamuryango ba Unity Club basobanurirwa amateka y'Urwibutso

Tariki ya 02 Gicurasi 2025, Abanyamuryango ba Unity Club, basuye kandi bunamira Abatutsi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi bashyinguye mu Rwibutso rwa Nyamata mu Karere ka Bugesera.

Uru Rwibutso rwa Nyamata ni ahahoze arii kiriziya, aho Abatutsi barenga ibihumbi 10,000 biciwe mu kiriziya bahahungiyeye. Ubu haruhukiyemo imibiri y'Abatutsi ibihumbi mirongo ine na bitanu (45,000) biciwe hirya no hino muri Bugesera. Hari n'imyambaro yabo nk'ikimenyetso cy'amateka atazibagirana.

Uru rwibutso kandi rwashyizwe mu murage w'isi na UNESCO mu nzibutso 4 zigaragaza amateka mabi n'ubukana Jenoside yakoranywe. Rufite umwihariko wo kugaragaza uruhare rw'ubutegetsi bubi mu mateka y'itotezwa n'ubwicanyi byakorewe Abatutsi bikanagera ku ndunduro ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



Abanyamuryango ba Unity Club bunamira Abatutsi baruhukiye mu Rwibutso rwa Nyamata

Nyuma yo gusura Urwibutso no kunamira Abatutsi baharuhukiye, hatanzwe ikiganiro bagejejweho n'Intwararumuri Amb.Vincent KAREGA. Mu kiganiro yagarutse ku mateka yateye Jenoside, aho u Rwanda rugeze rwiubaka n'ingamba zo gutsinda ibyo aribyo byose bigamije gusenya u Rwanda aho byaturuka hose.



Intwararumuri Amb.Vincent KAREGA

Nyuma y'ikiganiro, Mme Julienne MURORUNKWERE, umwe mu barokokeye mu Karere ka Bugesera, yatanze ubuhamya agaragaza ubugome, iyicarubozo n'agashinyaguro Abatutsi b'i Bugesera bakorewe, by'umwihariko abari bahungiyeye kuri kiriziya ya Nyamata, uko abagize umuryango we bishwe... ashimira Ingabo z'Inkotanyi zamurokoye, anashimira Igihugu cyamufashije kongera kubaho, kwiubaka no kudaherana.

Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere wa Unity Club, Hon. Marie Solange KAYISIRE, mu ijambo rye yongeye kugaruka k'ukurwanya umuntu wese ugoreka amateka y'Igihugu cyacu, ati: "Tuzakomeza kurwanya twivuye inyuma abashaka kugoreka amateka yacu bakwirakwiza ibinyoma, bahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi. Tuzakomeza gushyira hamwe duharanira ko ukuri guhabwa intebe mu Rwanda no mu mahanga".



Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere wa Unity Club, Hon. Marie Solange KAYISIRE ageza ijambo ku bitabiriye Igikorwa cyo gusura Urwibutso.

Imikoranire myiza n'Abafatanyabikorwa

Unity Club Intwararumuri yakomeje kugirana imikoranire myiza mu bikorwa bitandukanye by'Abafatanyabikorwa barimo Guverinoma y'u Rwanda harimo: MINUBUMWE, MoYA, MINEDUC, MINALOC, MIGEPROF, MINADEF binyuze mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Nyakinama, Imbutu Foundation...

Hitabiriwe inama n'ibikorwa bitandukanye by'abafatanyabikorwa bikurikira:

Tariki 21/08/2024: Hitabiriwe igikorwa cyo kumenyereza abanyeshuri bashya (Students'Induction) muri UR Nyarugenge. Unity Club yatumiwe gutanga ikiganiro cya Ndi Umunyarwanda ku banyeshuri bashya.

Tariki 24/09/2024: Hitabiriwe igikorwa cyo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Amahoro, wari wateguwe na MINUBUMWE.

Tariki 09/10/2024 kugeza 28/10/2024: Abanyamuryango ba Unity Club bitabiriye bagira n'uruhare mu biganiro mu Mahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Turere twose byateguwe na MINUBUMWE mu kwezi k'Ukwakira kwahariwe kuzirikana Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda. Ni ibiganiro byabanjirije Ihuriro rya 17 rya Unity Club.

Tariki 25/11/2024: Hitabiriwe inama ya MIGEPROF: High Level Dialogue on “All for GBV-Free Families” yasozaga iminsi 16 yo kurwanya ihohoterwa.

Tariki 13/12/2024: Sukomisiyo y’Ubushakashatsi, Amakuru n’Uburezi yitabiriye inama Unity Club yatumiwemo na Rwanda Psychological Society (RPS), aho bagize uruhare mu gusobanura ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe na Unity Club mu 2023, ku bikomere by’urubyiruko bikomoka kuri Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994.

Hitabiriwe inama ngarukagihembwe za MIGEPROF (*SUB-CLUSTERS*).

Tariki 30/01/2025, Unity Club yitabiriye Ubutumire bwa ILDP: Official Launch of the CSO-Led Methodology Framework.

Tariki 08/03/2025, Unity Club yifatanyije na MIGEPROF kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w’Umugore mu Karere ka Ngororero.

Tariki 25/04/2025, Unity Club yitabiriye Igihango cy’Urungano mu Intare Conference Arena.

Tariki 04/05/2025, Unity Club yitabiriye Igikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 31 abagore n’abana bishwe muri Jenocide yakorewe Abatutsi ku i Bambiro mu Murenge wa Kibirizi mu Karere ka Nyanza

Tariki 24-25/06/2025, Unity Club yitabiriye urugendoshuri rwateguwe na MIGEPROF mu Karere ka Musanze.

B. KOMISIYO Y'IGENAMIGAMBI NO GUSHAKA IMARI

Iyi Komisiyo ishinze kubaka ubushobozi bwa Unity Club n'ubw'abanyamuryango bayo; gushaka no gushishikariza abafatanyabikorwa kuzamura ubushobozi bwa Unity Club; gutegura gahunda y'ibikorwa y'umwaka n'igenamigambi; gushaka ubushobozi (ingengo y'imari) bwo gukoresha mu bikorwa bya Unity Club no kongera umutungo wa Unity Club. Igizwe na Sukomisiyo ebyeri:

- Sukomisiyo y'igenamigambi, kubaka ubushobozi no gukurikirana ibikorwa;
- Sukomisiyo yo gushaka imari.

IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE

- Gushaka abafatanyabikorwa b'ibikorwa bya Unity Club;
- Gukomeza Umushinga w'Iterambere Rikomatanyije "Integrated Community Development Project" mu Karere ka Huye, Umurenge wa Mukura;
- Gukurikirana imishinga yose ya Unity Club harimo no kwagura Impinganzima ya Nyanza;
- Gutegura Igenamigambi ry'imyaka 5 (Strategic Plan) na Gahunda y'ibikorwa 2024-2025.

❖ **Gushaka abafatanyabikorwa b'ibikorwa bya Unity Club**

Muri uyu mwaka, Abafatanyabikorwa batandukanye dushimira cyane bagize uruhare mu gutera inkunga ibikorwa bya Unity Club barimo

- Guverinoma y'u Rwanda: MINUBUMWE, MoYa, MINEDUC;
- Abikorera: I&M Bank, Rwanda Mountain Tea, RSSB.

Hegerewe n'abandi baterankunga bemeye kuzaduha inkunga umwaka utaha barimo Agaciro Development.

Hakozwe ibiganiro na RBA byo kunoza amasezerano y'imikoranire mu gusakaza ibikorwa bya Unity Club, ubu hasinywe amasezerano y'imikoranire.

Muri uyu mwaka, habonetse inkunga y'ibikorwa bya Unity Club ingana na 849,521,894 Frw yiyongera kuri 239,169,516 Frw yari yasagutse umwaka ushize (Closing balance) ku ngengo y'imari yari teganyijwe ingana 1,114,916,232 Frw

Muri uyu mwaka wa 2024, imisanzu y'abanyamuryango yabonetse ni 18,046,575 Frw kuri 18,120,000frw yarateganyijwe naho kuva Mutarama kugeza Kamena 2025 hamaze gutangwa kuri 4,500,000 frw.

❖ **Umushinga w’Iterambere Rikomatanyije “Integrated Community Development Project” mu Karere ka Huye, Umurenge wa Mukura.**

Mu rwego rwo gukomeza kwimakaza ubumwe n’iterambere ry’abaturanyi b’Impinganzima ya Huye itujwemo Ababyeyi b’Intwaza, mu mwaka wa 2021, Unity Club yatangijeyo Umushinga Ukomatanyije w’Iterambere Rirambye (Integrated Community Development Project-ICDP) mu Mudugudu wa Taba.

Uyu mushinga ugizwe n’ibice 3:

- Kuzamura urugo rw’Impinganzima
- Kuzana ibikorwa bihuza ababyeyi b’Intwaza n’abaturanyi babo
- Kuzamura imibereho myiza y’Abaturanyi b’Intwaza

Mu myaka yabanje, hakoze ibikorwa byinshi birimo kubaka palliative care unit mu Impinganzima ifasha ababyeyi, amazu 26 yahawe imiryango itishoboye, ECD, isoko n’imishinga izamura imibereho yabo.

Muri uyu mwaka hakoze ibikorwa bikurikira:

- Hateguwe umushinga wo kwagura palliative care unit, urimo gushakirwa inkunga, uzashyirwa mu bikorwa umwaka utaha;
- Inzu imberabyombi n’ibibuga by’imikino y’amaboko byaruzuye;

- Hubatswe n'imiyo y'amazi kugirango ifate amazi y'imvura atangiza ibikorwa remezo bihari;
- Hakozwe ibiganiro ngarukagihembwe mu baturanyi b'Impinganzima, bigamije kubakangurira kubana mu mahoro, guhora bazirikana akamaro k'Ubumwe n'Ubudaheranwa, gufata neza ibikorwa bagezwaho, kubigira ibyabo, kubirinda no kubyongera.



Inzu mberabyombi yubatswe



Ibibuga by'imikino

Hakozwe ibiganiro bitatu (3) bihuza abaturanyi b'Impinganzima:

Tariki 20/09/2024, hakozwe ikiganiro cyari gifite Insanganyamatsiko: "Gusigasira ibyagezweho n'ingamba zo kubiteza imbere mu baturanyi b'Impinganzima ya Huye".

Iki kiganiro cyari gifite umwihariko wo gushishikariza abatujwe mu nzu 4together kuzifata neza, kugira isuku ihagije, kugira ubumwe hagati yabo no kwitabira ibikorwa bya Leta.

Zimwe mu ngamba bafashe harimo kugira:

- Umuhigo wa buri rugo ku gikorwa kizabatezimbere;
- Gukomeza ibiganiro bisigasira ubumwe hagati yabo;
- Gushyiraho amatsinda yihariye n'abayobozi bayo azajya abafasha mu gukomeza kwiteza imbere (ubuzima, ubukungu, umutekano, isuku, imyidagaduro n'imibanire myiza);
- Gukora isuzuma buri mezi 3, urugo rwahize izindi rugahabwa igihembo.

Tariki 21/11/2024, hakozwe ikiganiro cyari kigamije gukurikirana imikorere y'amatsinda yagiye, kurebera hamwe ibibazo bahura nabyo no kubifatira ingamba. Bagaragaje ko kuva izo Komite zashyirwaho, hari byinshi bimaze kugerwaho mu rwego rwo gukomeza kuzamura imibereho myiza yabo no gusigasira ibyo bamaze kugeraho.

Tariki 09/05/2025, hakoze ikiganiro mu minsi 100 yo Kwibuka Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994, cyari gifite insanganyamatsiko yagiraga iti: **"Gukomeza gusigasira Ubumwe bwacu twirinda, tunarwanya Ingengabitekerezo ya Jenocide aho yagaragara hose"**.

❖ Kwagura Impinganzima ya Nyanza

Mu rwego rwo gukomeza kwita ku mibereho myiza y'Ababyeyi b'Intwaza, guhera mu kwezi kwa Gashyantare-Mata 2024, Unity Club mu bufatanye na MINUBUMWE, MINALOC, AVEGA, IBUKA n'Inzego z'ibanze, hasuwe Ababyeyi 696 bagizwe incike na Jenocide yakorewe Abatutsi (Intwaza) mu Turere 28.

Iki gikorwa cyagaragaje ko muri rusange Ababyeyi b'Intwaza bari mu Turere, abenshi imibereho itameze neza, bageze mu za bukuru, bafite n'uburwayi bunyuranye, muri bo 148 itsinda ryabasuye ryasabye ko batuzwa mu Impinganzima mu buryo bwihuse.

Ni muri urwo rwego, muri uyu mwaka, Unity Club mu bufatanye na MINUBUMWE batangiye icyiciro cya mbere cy'imirimo yo kuvugurura no kwagura urugo rw'Impinganzima ya Nyanza harimo kongera umubare w'ibyumba bizakira abandi babyeyi, kuvugurura no kwagura igikoni, kubaka urugo na septic tank.



Aho ababyeyi bafatira amafunguro hubatswe mu
Impinganzima ya Nyanza

Iyi mirimo yari iteganyijwe yarakozwe kandi neza. Hubatswe ibyumba 20, bishyirwamo ibikoresho byose nkenerwa, igikoni cyaraguwe n'urugo rwarubatswe.



Amacumbi yubatswe mu Impinganzima ya Nyanza

❖ Gutegura Igenamigambi ry'imyaka 5 (Strategic Plan 2024-2029) na Gahunda y'ibikorwa 2024-2025

Hashyizweho itsinda ritegura Igenamigambi ry'imyaka 5, hateguwe gahunda y'ibikorwa. Byose byemejwe mu nama y'Inteko Rusange yabaye tariki 16/11/2024.

❖ Amahugurwa y'Abanyamuryango ku Itegeko rigenga Abantu n'Umuryango

**Ikiganiro ku Itegeko rigenga
Abantu n'Umuryango**

Speakers:

Aho bizabera:
webex

Itariki | Isaha:
29 Gicurasi 2025 | 18h00

f X @
@UnityClubRw

Aya mahugurwa yakozwe mu buryo bw'ikorana-buhanga kuri Webex, tariki 29/05/2025. Yatanze na Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango,

Hon. Consolée UWIMANA na Vice Perezida ushinzwe Amategeko no Kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, Hon. Solina NYIRAHABIMANA.

Muri iki kiganiro bagarutse cyane ku ngingo z’itegeko zavuguruwe, impamvu zavuguruwe n’ibyahindutse muri izo ngingo.

Abanyamuryango bashimye ikiganiro, uburyo cyatanzwe, ariko bagaragaza ko bagifite inyota yo kongera kuganira kuri iri tegeko, basaba ko hazategurwa igice cya kabiri cy’amahugurwa. Azakorwa mu gihembwe cya mbere cy’umwaka utaha.

C. KOMISIYO Y’UBUSABANE, IMIBEREHO MYIZA N’UBUKANGURAMBAGA BW’ABANYAMURYANGO

Iyi Komisiyo ishinzwe gukurikirana no kwita ku mibanire y’abanyamuryango n’imibereho myiza yabo; gukora ubukangurambaga bw’ibikorwa bya Unity Club; gutegura ibikorwa n’imikino bihuza abanyamuryango; gutegura no gukurikirana ibikorwa byo gusura no kwifatanya n’abanyamuryango bagize ibyiza cyangwa gufata mu mugongo abagize ibyago (bapfushije) nk’uko biteganwa n’amategeko ngengamikorere.

Igizwe na Sukomisiyo ebyeri:

- Sukomisiyo y’ubukangurambaga bw’abanyamuryango
- Sukomisiyo y’imibereho myiza n’ubusabane

IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE

- Ibikorwa by'ubusabane (kumenyekanisha no gusura abagize ibyago no kwifatanya n'abagize ibyiza)
- Kwizihiza iminsi mikuru isoza umwaka no gutanga impano mu Impinganzima zose
- Ibiganiro bijyanye n'imibereho myiza y'Abanyamuryango n'ubusabane
- Gushishikariza abanyamuryango gutanga umusanzu ku gihe (Mu bufatanye na Biro ya Unity Club)
- Kwakira abanyamuryango bashya no kubasobanurira Amategeko Ngengamikorere na Ngenga myitwarire bya Unity Club (Induction Sessions)
- Kuvugurura agatabo k'Umunyamuryango no kugasakaza
- Gushishikariza Abanyamuryango kwitabira sport no kwitoza kubyina mu buryo buhoraho.

❖ Ibikorwa by'ubusabane (kumenyekanisha no gusura abagize ibyago no kwifatanya n'abagize ibyiza).

Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri bakoze ibikorwa by'ubusabane bigamije gukomeza gushimangira imibanire myiza no guteza imbere ubufatanye hagati yabo. Komisiyo yamenyekanishije kandi itegura ibikorwa byo gusura Intwararumuri bagize ibyago ndetse no kwifatanya n'abagize ibyiza.

Muri uyu mwaka, hasuwe Abanyamuryango 5 bagize ibyiza n'ibyago, 2 bagize ibirori barashyigikiwe.



Intwararumuri basuye Umuryango w'Intwararumuri Régine IYAMUREMYE na Dr. Augustin IYAMUREMYE



Intwararumuri basuye umuryango w'Intwararumuri



Intwararumuri basuye umuryango w'Intwararumuri
Judith UWIZEYE na Manassey NTIHINYURWA



Intwararumuri basuye Umuryango w'Intwararumuri Rosine na
Gaspard Twagirayezu

❖ Kwizihiza iminsi mikuru isoza umwaka no gutanga impano mu Impinganzima zose

Iki gikorwa cyo kwifuriza Noheri Nziza n'Umwaka Mushya Muhire Ababyeyi b'Intwaza, ni ngarukamwaka. Mu mpera z'umwaka wa 2024, mu ngo z'Impinganzima uko ari enye (4) hari hatuyemo Ababyeyi b'Intwaza 264 (Abakecuru 238 n'Abasaza 26). Ababyeyi barasuwe, bishimana n'Intwararumuri ndetse banahabwa impano za Noheri.

TARIKI Y'IGIKORWA	IMPINGANZIMA ZASUWE	UMUBARE W'ABAYITUYEMO		
		Abagore	Abagabo	Bose
11/12/2024	Huye	110	8	118
11/12/2024	Rusizi	38	7	45
12/12/2024	Bugesera	62	6	68
20/12/2024	Nyanza	28	5	33
Bose hamwe		238	26	264

Iki gikorwa cyitabiriwe n'abanyamuryango ba Unity Club, abafatanyabikorwa barimo AVEGA Agahozo, abayobozi mu nzego za Leta zitandukanye mu Karere Impinganzima ziherereyemo ndetse n'abaturanyi b'Intwaza



Bamwe mu banyamuryango ba Unity Club n'abafatanyabikorwa bizihije iminsi mikuru yo gusozza umwaka hamwe n'intwaza.



Bamwe mu banyamuryango ba Unity Club n'abafatanyabikorwa bizihije iminsi mikuru yo gusozza umwaka hamwe n'intwaza.

Mu gushakira impano ababyeyi b'intwaza, abanyamuryango ba Unity Club hamwe n'abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bashishikarijwe gutanga inkunga. Habonetse inkunga ingana na 5,465,000 Frw.

Umufatanyabikorwa CorpsAfrica yatanze ibihumbi 500,000Frw. ERI RWANDA yatanze imashini ifura yahawe impinganzima ya Huye ifite agaciro k'amafaranga 969,000Frw. Ayakusanyijwe yose hamwe ni 5,965,000 Frw. Igikorwa cyose cyatwaye 5,490,040 Frw, ayasagutse angana na 474,960Frw.

Muri iki gikorwa, buri munyamuryango wari uyoboye itsinda, mu izina ry'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, yagejeje ubutumwa ku babyeyi bubifuriza kugira ubuzima bwiza no kwishimira iminsi mikuru isoza umwaka.



Ababyeyi bashikirijwe impano za Noheli banishimana n'abanyamuryango ba Unity Club



Ababyeyi bashikirijwe impano za Noheli
banishimana n'abanyamuryango ba Unity Club

Abanyamuryango bashimishijwe no gusanga Ababyeyi b'Intwaza bameze neza, bafite ibyangombwa byose nkenerwa n'ubwo muri bo hari abafite uburwayi budakira, kandi uko imyaka itambuka ari nako imbaraga zigenda ziba nkeya. Ibiganiro bijyanye n'imibereho myiza y'Abanyamuryango n'ubusabane

Tariki 20/02/2025, abanyamuryango ba Unity Club bahawe ikiganiro cyari gifite insanganyamatsiko yagiraga iti: **"Uruhare rw'ubufasha bw'Umuryango Nyarwanda mu kubaka Umuntu: Umwihariko wa Unity Club Intwararumuri"**.

Ni ikiganiro cyateguwe mu bufatanye n'inzobere mu kuvura indwara zo mu mutwe Prof. Vincent SEZIBERA, kibera mu cyumba cy'inama cya Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA)



Bamwe mu banyamuryango bitabiriye ikiganiro



Bamwe mu banyamuryango bitabiriye ikiganiro

❖ Gushishikariza abanyamuryango gutanga umusanzu ku gihe (Mu bufatanye na Biro ya Unity Club)

Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri bashishikarijwe gutanga umusanzu w’umwaka wa 2024 no kwishyura ibirarane. Iyi ni incamake y’uko umwaka warangiye umusanzu uhagaze.

2024	IBIRARANE (2024 mbere y’aho)		
Abanyamuryango batanze imisanzu umwaka wa 2024	Frw yakusanyijwe	Abanyamuryango bafite ibirarane	Frw y’ibirarane byose
148/161	18,046,575	13	2,440,000

- * Mu Banyamuryango bafite ibirarane harimo n’abafite iby’imyaka yashize
- * Imiryango 26 itanga umusanzu wa 60,000 Frw uhwanye na 1,560,000 Frw
- * Imiryango 138 itanga umusanzu wa 120,000 Frw uhwanye na 16,560,000 Frw.

Umusanzu wose wakiriwe mu mwaka wa 2024 ni 18,046,575 kuri 18,120,000 Frw yarateganyijwe (99,59%).

❖ **Kwakira abanyamuryango bashya
(Associate and Effective) no
kubasobanurira amategeko
ngengamikorere na ngenga myitwarire bya
Unity Club (Induction Session).**

Muri uyu mwaka, habaye ibikorwa byo kwakira Abanyamuryango bashya ba Unity Club Intwararumuri. Byakozwe mu buryo bw'imbonankubone (*physical*) no mu buryo bw'ikoranabuhanga (*WebEx*). Abanyamuryango bashya bose bakiriwe na komisiyo ni 16 bakaba baragejejweho incamake y'umuryango, Amategeko Ngengamikorere na Ngengamyitwarire ya Unity Club Intwararumuri.



Abanyamuryango bashya bakiriwe mu buryo bw'Imbonankubone
tariki 27/02/2025

❖ **Kuvugurura agatabo k'Umunyamuryango no kugasakaza.**

Mu rwego rwo kunoza imicungire y'amakuru y'ingenzi y'ibikorwa byakozwe n'abanyamuryango ba Unity Club no gufasha Abanyamuryango bashya kumenya no gusobanukirwa Umuryango, hakoze ivugururwa ry'agatabo k'umunyamuryango (Edition 3), gasohoka tariki 15/09/2024. Kazongera kuvugururwa nyuma y'imyaka 5 nk'uko biteganywa n'amategeko agenga Umuryango Unity Club.

❖ **Gushishikariza Abanyamuryango kwitabira sport no kwitoza kubyina mu buryo buhoraho.**

Mu bufatanye na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu hamwe na Minisiteri ya Sport, Umuryango Unity Club wahawe icyumba cyo kwitorezamo kubyina Kinyarwanda (amahoro stadium) ndetse ugenerwa n'abatoza bafashije abanyamuryango ba Unity Club kwitegura neza no gususurutsa abitabiriye Ihuriro rya 17 rya Unity Club Intwararumuri.

D. KOMISIYO Y'UBUSHAKASHATSI N'ITUMANAHU

Iyi Komisiyo ishinze gutegura no gukora ubushakashatsi ku ngingo zijyanye n'intego za Unity Club; gutangaza no kumenyekanisha ibikorwa bya Unity Club binyuze ku mbuga nkoranyambaga no

gukurikirana by'umwihariko itangazwa ry'amakuru ku mbuga nkoranyambaga. Igizwe na Sukomisiyo ebyeri:

- Sukomisiyo y'itumanaho
- Sukomisiyo y'ubushakashatsi, amakuru n'uburezi

IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE

a. Gusemura mu rurimi rw'Ikinyarwanda Raporo y'Ubushakashatsi: "The Impact of the 1994 Genocide against the Tutsi on the Most affected youth in Rwanda: Analysis of the Youth's Peculiar Post-Genocide Problems and Emerging Solutions'.

Ubu bushakashatsi bwakozwe mu bufatanye na Minisiteri y'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi (MoYA), butangazwa mu mwaka wa 2023 mu rurimi rw'icyongereza.

Komisiyo yafashe umwanzuro wo kubusemura mu rurimi rw'Ikinyarwanda, kugirango bugere ku bantu benshi.

Kubusemura byakozwe na Rwiyemezamirimo, bunozwa (*proofreading*) n'itsinda ry'abanyamuryango ba Unity Club.

Ubushakashatsi bufite umutwe ugira uti: **INKURIKIZI ZA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU RWANDA MU 1994 KU RUBYIRUKO RWIBASIWE BIKABIJE: ISESENGURA KU BIBAZO BYIHARIYE N'AMAHIRWE ARIHO YO KUBIKEMURA**

Bwibanze ku rubyiruko rw'imyaka 16 kugeza kuri 30 rwatoranyijwe mu byiciro bitandatu nyuma ya Jenoside, aribyo: urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, urubyiruko rukomoka ku babyeyi bahamwe n'icyaha cya Jenoside, urubyiruko rutashoboye kumenya umuryango rukomokamo, urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu muri Jenoside, urubyiruko rwavutse ku babyeyi badahujwe ibyiswe amoko n'urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Gukora gahunda y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro y'ubushakashatsi no kubusakaza mu rurimi rw'Ikinyarwanda bizakorwa umwaka utaha 2025-2026.

b. Kumenyekanisha no gusakaza ibikorwa bya Unity Club

Hasakajwe ibikorwa bitandukanye binyuze ku:

❖ **Imbugankoranyambaga** za Unity Club no mu bindi bitangazamakuru by'afatanyabikorwa birimo RBA, igihe.com na New times.

❖ **Inyandiko ngufi:** Hasohotse inyandiko ngufi 4 zanditswe n'abanyamuryango ba Unity Club zirasakazwa:

- **Tariki ya 27/10/2024** binyuze mu kinyamakuru cy'Igihe.com hasohotse article yanditswe n'Intwararumuri Vénantie TUGIREYEZU "Imvo

n'imvano y'Ubunyamuryango budacyura igihe muri Unity Club".

- Tariki 14/11/2024 muri Newtimes hasohotse article yandintwe na Prof.Jolly MAZIMHAKA *"Reflections of Unity Club Intwararumuri: A 28 years journey of bearing the torch of Unity"*.

-Tariki 08/04/2025, binyuze mu kinyamakuru cy'Igihe.com hasohotse article yanditswe n'intwararumuri Julienne UWACU *"Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda: Urugero rw'Intwaza"*.

-Tariki 22/06/2025, binyuze mu kinyamakuru cy'Igihe.com hasohotse article yanditswe n'Intwararumuri Dr Musafiri Papias MALIMBA *"Ndi Umunyarwanda: Ishyiga ry'inyuma mu Mashuri Makuru na za Kaminuza"*.

❖ **Ikinyamakuru Intwararumuri**

Muri uyu mwaka hasohotse ibinyamakuru 3:

- Ikinyamakuru cya mbere cyanditse ku bikorwa by'amezi 6: Nyakanga –Ukuboza 2024
- Ikinyamakuru cya kabiri cyanditse ku bikorwa by'amazi 3: Mutarama-Werurwe 2025
- Ikinyamakuru cya gatatu cyanditse ku bikorwa by'amezi 3: Mata-Kamena 2025.

E. UBUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa (*Executive Secretariat*) bwa Unity Club, bugizwe n'inzego z'ubuyobozi bw'imirimo (*Administrative Units*) n'inzego za tekiniki (*Technical Units*).

Ni urwego ruhuriza hamwe ibikorwa by'izo nzego zombi, rukaba ruyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa.

IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE

- Gutegura no kwishyura Imishahara y'Abakozi, TPR, CSR, Maternity, Mutuelle de santé
- Korohereza abagiye mu butumwa bw'akazi
- Gukora inama y'abakozi no gutegura gahunda y'ibikorwa
- Guhuza ibikorwa bya komisiyo zose za Unity Club no gukurikiranira hafi itegurwa n'ishyirwamubikorwa na raporo zabyo
- Gufatanya na Komisiyo, SuKomisiyo zose na Komite Nyobozi gutegura inama zinyuranye
- Kuvugurura inyandiko z'Amategeko Ngengamikorere na Ngengamyitwarire, igikorwa kizakomeza
- Gutegura imbanzirimushinga za raporo z'ibikorwa n'iz'imikoreshereze y'imali bya Unity Club, kuzigeza kuri ExCom n'abafatanyabikorwa.

❖ **Imishahara y'Abakozi ba Unity Club, no kwishyura TPR, CSR, Maternity, RAMA:**

Ingengo y'imari ihemba abakozi iva muri MINUBUMWE. Buri kwezi, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwandikira uru rwego butanga raporo y'imikoreshereze ndetse hagasabwa umushahara w'ukwezi gukurikiyeho. Kwishyura imisanzu bikorwa hashingiwe ku bikubiye muri "HR & Financial Procedures Manual" yemejwe mu Inteko Rusange yateranye kuwa 15 Ukwakira 2021.

❖ **Korohereza abagiye mu butumwa bw'akazi**
Hatanzwe amafaranga (transport facilitations and accommodations) ku banyamuryango no ku bakozi bagiyemo mu butumwa bw'akazi butandukanye.

❖ **Gukora inama y'abakozi no gutegura gahunda y'ibikorwa**

Inama y'abakozi ikorwa 2 mu kwezi (rimwe mu byumweru bibiri) kugeza ubu hakozwe inama 24 kuri 24 zari ziteganijwe, kandi zitangirwa raporo.

❖ **Guhuza ibikorwa bya komisiyo zose za Unity Club no gukurikiranira hafi itegurwa n'ishyirwamubikorwa na raporo zabyo**

Komisiyo zose uko ari 4 zakozwe inama 8 na raporo (Q1, Q2, Q3, Q4) mu rwego rwo kurushaho gukurikiranira hafi ishyirwamubikorwa ry'ibikorwa byari biteganijwe.

❖ **Gufatanya na Sukomisiyo zose na Komite Nyobozi yazo gutegura inama zinyuranye:**

Inama 32 na raporo zari ziteganijwe mu bihembwe byombi zarakozwe kandi zigenda neza.

❖ **Kuvugurura inyandiko z'Amategako Ngengamikorere na Ngengamyitwarire**

Igikorwa cyaratangiye, kizakomeza umwaka utaha.

❖ **Gutegura imbanzirizamushinga**

Kuri raporo z'ibikorwa n'iz'imikoresherezey'imari bya Unity Club (Nyakanga 2024 - Kamena 2025) byarakozwe, zizagezwa muri Excom mu nama iteganyijwe mu gihembwe cya mbere cy'umwaka utaha kugirango zemezwe.

IV. RAPORO KU MIKORESHEREZE Y'IMARI (Nyakanga 2024-Kamena 2025)

IMIKORESHEREZE Y'IMALI 2024-2025	
Openning balance	239,169,516
Total income	849,521,894
Total expenses	846,002,241
Balance	242,689,169
UMUSHINGA/ IGIKORWA	AMAFARANGA YAKORESHEJWE MU BIKORWA BININI
Ndi Umunyarwanda Integration Project, Phase 4	58,015,963
Ihuriro rya 17 rya Unity Club	27,054,188
Kwagura Impinganzima ya NYANZA	279,379,470
ICDP Huye	234,014,459
Imishahara y'Abakozi (Nyakanga 2024-Kamena 2025)	184,095,722
Ibindi (kwibuka,gusangira iminsimikuru ya Noheri na Bonane n'Intwaza, gutwerera,Guhemba, gufatamu mugongo ...	63,442,439

V. UMWANZURO

Ibikorwa byari biteganyijwe muri gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2024-2025 byarakozwe kandi neza ku kigero gishimishije nk'uko isuzuma ryakozwe na buri Komisiyo ryabigaragaje mu nama zisoza umwaka.

Unity Club izakomeza ubufatanye n'izindi nzego zitandukanye zirimo iza Leta n' izigenga muri uru rugendo yiyemeje rwo kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda bwo nkingi y'iterambere rirambye. Nk'Abanyamuryango turasabwa gukomeza ubufatanye no kongera imbaraga mu gukorera umuryango buri wese abigizemo uruhare kugirango ugere ku ntego wihaye.

Unity Club izakomeza kongera imbaraga mu bikorwa bigamije kuzamura imibereho myiza y'abatishoboye, by'umwihariko imfubyi n'Ababyeyi b'Intwaza.

Unity Club izakomeza kandi kubakira ku ntego yiyemeje yo kwimakaza Ubunyarwanda binyuze mu biganiro, gukomeza ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda mu Mashuri Makuru na Kaminuza, ayisumbuye no gukomeza kubaka ubushobozi n'ubumenyi bw'amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa yatangijwe muri ayo mashuri.

